# Inyota

Tucson, Arizona USA

19 Nzeri 1965

1 Umugoroba mwiza, nshuti zanjye. Ni amahirwe kuba ndi aha uyu mugoroba. Ni ubwa kabiri nje aha i Grantway Assembly, kugira ngo mbe ndi kumwe na mwene Data w'igiciro Mack hamwe n'iyi komite nziza, n'abakirisitu baturutse mu matorero atandukanye biyongereye ku mubare. Mwene Data Lee Vayle, kandi maze guhura na mwene Data, aha, w'inshuti magara ya mwene Data F.F. Bosworth, ntiyari anazi ko Mwene Data Bosworth yasanganiye Umwami. Naravuze nti “Mfite ibyiyumviro ko nahuye na Elisa wasukaga amazi ku biganza bya Eliya”; bari mu mahanga, kandi ntibamenye ko Mwene Data Bosworth yasanganiye Umwami, ku myaka mirongo inani n'ine.

2 Noneho ndashaka gusuhuza abantu badukurikiye kuri telefone uyu mugoroba, kuva ku ruhande rumwe ujya ku rundi mu gihugu, kuva California kugera New York, muri Texas, kandi no mu tundi duce dutandukanye tw'igihugu, kuva Maine kugera muri California. Noneho, dufite imikorere itwemerera gukurikirwa mu gukoresha telefone, ikintu cyatubereye umugisha ukomeye. Kandi dukurikije icyo inshuti yacu nziza itubwira, Mwene Data Pearry Green, noneho habaho ikintu runaka gito dushobora gucomeka kuri televiziyo, kandi tukifashishije ntibyadufasha gusa kuri telephone, ahubwo byanadufasha mu gukwirakwiza ayo mashusho muri televiziyo yanyu. Barimo barabyiga.

3 Kandi, Mushiki wacu Mack, nishimiye kubabona, mumeze neza, mwicaye aha kuri iki cyuma cy'umuziki, uyu mugoroba. Kandi ndabona inshuti nyinshi zanjye z'i Sierra Vista, na Mwene Data Borders. . . cyangwa ahubwo Mwene Data Roberson, w'i Indiana; abantu benshi. Ndashaka kuvuga abari ku Gicaniro, uyu mugoroba, twavuga ko kimwe cya kabiri cy'itsinda kiri aha, kandi. . . cy'Igicaniro i Jeffersonville.

Kandi ndashaka kubwira inshuti yanjye, aho, Mwene Data Kuhn, ubu busabe bwatumye muhamagara, ubu burwayi. Ndabisengera, Mwene Data Kuhn. Mugire gusa kwizera. Ntimuhangayike. Byose bizagenda neza.

Kandi, aho muri Texas, Mwene Data Blair, niba muri kumva uyu mugoroba, mwene Data, mwibuke gusa ibi: Imana yabanyujijeho bwa mbere, ishobora kubanyuzaho bwa kabiri. Kandi dushyize kwizera kwacu mu Mana ko Izabibaha. Kandi ntimuzemere rwose ikinyoma cy'umubi, ku kintu icyo ari cyo cyose. Mwibuke gusa ko Imana ari Imana, kandi hari. . . kandi uko Yari ejo, ni ko Iri uyu munsi n'iteka ryose. Turayikunda kandi turayizera, kandi turabasengera.

Ndashaka kubwira inshuti zacu zose z'i Calfornia; Mwene Data Mercier n'abari aha muri Arizona; n'ahandi hantu henshi, Phoenix, na, Mwene Data Williams, n'abandi bose b'aho bari ku murongo aho, uyu mugoroba, ahantu hose, turashimira mu by'ukuri; n'aho muri Georgia. Turashimira mu by'ukuri; umuntu wese muri mwe. Umwami abahe umugisha.

4 Ndumva mu by'ukuri nisanga aha uyu mugoroba, muri uru rusengero rwiza, Itorero ry'Imana aha, i Grantway, hamwe na Mwene Data Mack, inshuti yanjye nziza. Imana yahaye umugisha Mwene Data Mack. Ndibuka, rimwe, muri Canada, yari. . . nagendaga mu nzira, nari ndi ku Ifarashi, kure cyane mu ishyamba ry'inzitane, noneho Umwuka Wera umbwira kumanuka no gusengera Mwene Data Mack. Icyo gihe, yari ari mu buzima bugoranye, kandi Umwami yaramukijije. Noneho ubwo, ndabishimira cyane mu by'ukuri, kandi duteranire aha, hamwe na we, uyu mugoroba, kugira ngo turamye Uwiteka muri uku Kuri kwiza.

Umuntu wicaye inyuma yanjye, ku ruhimbi, yambwiye ati “Ntimugomba kunshimira.” Yaravuze ati “Umunsi umwe mwamfashije kuzamuka, nasabaga lifuti”, noneho, sinzi, ahantu runaka, i Boston, cyangwa ahantu runaka, “i Detroit, nasabaga lifuti.”

Naravuze nti “Noneho, uyu mugoroba, muri rusange, ndagerageza kuramburira ikiganza, niba mbishoboye, abafite icyo bakennye.”

Noneho, uyu mugoroba, twese dufite ibyo dukeneye. Kandi turasaba Imana kuduha ikiganza, uyu mugoroba, iduha ubufasha, imigisha, ubuntu bwayo n'impuhwe Zayo.

5 Noneho, nkunda kuvuga igihe kirekire, ariko sinshaka kubikora uyu mugoroba. Mu by'ukuri, hari abantu bo muri Ohio bamaze guhamagara, Madamu Dauch, n'itsinda aho, Mwene Data McKinny, na Mwene Data Brown, n'abandi bose bo muri Ohio badukurikiye bakoresheje telefone. Tuboherereje intashyo zacu, namwe. Aho i New York, amasaha arakuze, ndatekereza ko bigomba kuba hafi saa tanu cyangwa saa sita z'ijoro, uyu mwanya, i New York. Kandi insengero zateraniye hamwe kandi zategereje kugeza iyi saha, rwose kubera iteraniro. Turashimira ku bw'izo nshuti nziza dufite ahantu hose.

6 Noneho, mbere yo gutangira Ijambo, tubwire Umuremyi akanya, mu gihe twubitse umutwe.

Data uhenze wo mu Ijuru, turi. . . imitima yacu isazwe n'ibyishimo, ku bw'amahirwe dufite yo kuba turiho, aha uyu mugoroba, kandi duteranye hamwe n'ubwoko Bwawe. Ubwoko. . . kandi, twizeye ko

buzabaho iteka. Dufite ubu Ubugingo Buhoraho, kubera ko "Watanze Umwana Wawe w'ikinege". Mu gihe cy'urugendo Rwe aha ku isi, Yatwigishije ibi "Uwumva Ijambo Ryanjye, kandi akizera Uwantumye, afite Ubugingo Buhoraho kandi ntazaza mu rubanza, ahubwo yanyuze mu rupfu ajya mu Bugingo; kubera ko twizeye Umwana w'ikinege w'Imana." Mbega ukuntu tugushimira ku bw'uwo Mukiza ukomeye! Kandi turasaba, uyu mugoroba, ko Ubwiza Bwe buhebuje buduha umugisha cyane, twese hamwe aha, mu gihe turi busome mu Ijambo Rye kandi tukaza kurivugaho. Umwuka Wera ubyinjize muri buri mutima, ahantu hose mu gihugu, Mwami, aho abantu bateraniye.

Ha umugisha abandi bakozi bari ku ruhimbi. Turagusaba, Data, guha umugisha iri Teraniro ryitwa Grantway Assembly; umushumba, umugore we, abana be; abadiyakoni, abayobozi n'abagize inama y'ubuyobozi bose. Kandi, Data, dushobore gukorera hamwe ku bw'Ubwami bw'Imana, mu gihe hari Umucyo mwinshi wo kudufasha kubona aho tujya; mu by'ukuri, isaha irageze aho umuntu adashobora gukora. Kandi, Data, mu gihe dufite aya mahirwe, dushobore gucunguza uburyo umwete, Mwami. Dushobore, reka ibyo tubihabwe. Kiza abarwayi kandi bafite intimba, ahantu hose mu gihugu. Reka Ubwiza bw'Imana bwumvwe mu Nguni zose n'impande zose z'igihugu, uyu mugoroba.

7 Tuzi ko urubanza ruri gukubita. Hari uguhirima mu binogo binini, igihugu kiranyeganyeze, hari imitingito y'isi ahantu hatandukanye. Twumvise bavuga muri Bibiliya ibikorwa bikomeye by'amateka, mu bihe byashize, urubanza rwarigaragaje, kandi turabona ibyo bintu byisubiramo uyu munsi. Ubuhanuzi buravuga buti "ibyabaye mu minsi ya Nowa, bizaba kimwe mu kuza k'Umwana w'umuntu. Ibyabaye mu minsi ya Loti, bizaba kimwe mu kuza k'Umwana w'umuntu", kandi turabona ibyo biba ubu. "Umutima w'abantu ufite ubwoba; igihe tutazi icyo gukora; umubabarro mu mahanga." O Mana, tuzi ko turi mu gihe cy'imperuka.

Dufashe, Mwami, kujyana Ubutumwa mu Nguni zose n'impande zose, kuri buri mwana Wageneye Ubugingo. Bitange, Mwami. Tubisabye mu Izina rya Yesu. Amina. Noneho Imana ihe umugisha gusoma Ijambo Ryayo.

8 Noneho, benshi muri mwe bakunda gukurikira muri Bibiliya, umurongo umukozi asomye. Kandi uyu mugoroba, ndashaka gusoma imirongo runaka, itatu, muri Zaburi, Zaburi 42, rwose kugira ngo bimfashe kubona umutwe. Kandi nanditse imirongo y'Ibyanditswe aha, nshaka kwishingikirizaho, niba bishoboka, mu gihe turi bukomeze, mu kanya runaka, insanganyamatsiko yacu. Zaburi ya Dawidi. Ni Dawidi wanditse Zaburi.

Noneho, mu gihe muri gushaka umurongo, munyemerere mvuge ibi. Abantu benshi baravuga bati "Ese, Zaburi zifite gusigwa?" Zirasizwe nta gushidikanya. Ibiri byose - ibiri muri iyi Bibiliya bifite gusigwa, byaba inkuru z'amateka, byaba indirimbo, ibyo ari byo byose. Bifite gusigwa. Yesu yaravuze ati "Ntimwasomye ibyo Dawidi yavuze muri Zaburi?" Noneho, ndatekereza, Zaburi, byumvikane neza, ni indirimbo. Kandi niba indirimbo zisizwe n'Imana, kandi ni cyo nizera, kandi zikaba zihanura ndetse, nizeye ko nzaba mpari umunsi iyi ndirimbo izasohora.

Hazabaho guhurira mu kirere,

Ahantu hatuje, hatuje hakurya;

Tuzahura kandi nzabasuhuza aho

Muri ubwo Buturo hakurya y'ijuru;

Indirimbo tutigeze twumva ku bantu bambaye umubiri upfa,

Bizaba bihebuje, ndabibabwiye!

Umwana w'Imana Ubwe azaba ari ku mutwe

Muri uko guhurira mu kirere.

Yoo, ndashaka kuba mpari, icyo gihe.

9 Noneho Zaburi 42.

Nk'uko imparakazi yahagizwa no kwifuza imigezi, ni ko umutima wanjye wahagizwa no kukwifuza Mana.

Umutima wanjye ugirira Imana inyota, Imana ihoraho, Nzaza ryari ngo ngaragare mu maso y'Imana?

Amarira yanjye ni yo yambereye nk'ibyokurya ku manywa na nijoro, kandi bahora bambaza umunsi ukira bati "Imana yawe iri hehe?"

Ndatekereza ko Dawidi, igihe yandikaga iyi Zaburi, agomba kuba yari mu bibazo. Kandi muri rusange, ni ngombwa imibereho y'ibibazo ngo herekanwa ikintu kiza cyane kiri mu muntu. Mu by'ukuri, ni aho Imana. . . mu bihe tuba tumaze kwiyiriza, inshuro nyinshi, kugira ngo dushobore kugera aho twikura mu

nzira. Kandi ndatekereza ko Dawidi, igihe yageraga kuri urwo rwego, noneho yatangiraga gutekereza ku Mwami, yatangiraga gutekereza.

Inshuro nyinshi, Imana ituma tugera mu bi - mu bihe bikomeye, aho dutegetswe kureba hejuru. Inshuro nyinshi, ni ngombwa ndetse kwibona uryanye ku gitanda kwa muganga, cyangwa uryamye ku bw'uburwayi ahantu runaka, kugira ngo dushobore kureba hejuru, kureba aho imigisha y'Imana ikomeye ituruka.

10 Noneho ijambo nshaka kwifashisha ku kibwirizwa cyanjye cy'uyu mugoroba, ni ijambo rimwe gusa, ryakuwe muri Bibiliya, kandi riri ku murongo wa 2 "inyota'; ijambo Inyota. Nashatse mu nkoranyamagambo, igihe nashakaga igisobanuro cy'iryo jambo.

Natekerezaga ku - ku kibwirizwa, igihe runaka, nabwirije ku Kugira inyota y'Ubugingo. Kandi ibi ndetse, nari nabikuye muri Zaburi, igihe Dawidi yavugaga ati "amategeko Yawe", ndatekereza, "afite agaciro cyane kuri njye kurusha ubuzima."

Ku bw'ibyo, nafataga kandi nkatekereza iri jambo "inyota", noneho ubwo nashatse mu nkoranyamagambo kugira ngo mbone icyo risobanuye. Noneho dore icyo inkoranyamagambo yitwa Webster ivuga "Ni icyifuza giteye agahinda", biteye agahinda, iyo mwifuje cyane ikintu ku buryo bihinduka ikintu kibabaza kuri mwe.

Nyamara, si - si ikintu kidasanzwe, kugira inyota. Inyota ni - ni ikintu gisanzwe. Ni ikintu gusa Imana yaduhaye, kugira ngo dushobore, kugira ngo bitange muri twe iki - icyifuzo ku bw'ikintu runaka. Rimwe na rimwe, Imana ifite kandi, Yabahaye u - umunara ucunga, ikintu kiri imbere muri mwe, gi - gicunga ibyo byifuzo bitandukanye. Kandi iyo nyota, uwo munara ucunga uri mu mutima w'umuntu, ni ikintu Imana yamuhaye kugira ngo - kugira ngo kimwereke ibyifuzo bihishura ikintu acyeneye kuri we.

11 Nyamara, hari ubwoko buburi bw'inyota. Hari inyota y'umubiri. Kandi hari inyota y'umwuka. Ndashaka gusoma ibi, icyo Imana yavuze, na none.

Umutima wanjye ufite inyota y'Imana, y'Imana nzima. . .

Si ikintu cy'amateka, cyangwa ikintu cyaba cyarabaye hashize imyaka myinshi, cyangwa - cyangwa inkuru umuntu yaba yaravuze, ahubwo "y'Imana nzima", Imana ihora ihari. Kandi ni iyo Mana umutima we wari ucyeneye, si ikintu cy'amateka.

12 Ni ukuvuga ko, tubona ko Imana ibaha uwo munara ucunga, kugira ngo mubone ku bw'ibyo ibintu mukeneye. Nyamara, umunara ucunga uri muri mwe, ni wo ubayobora. Kandi iyo nyota inyura muri uwo munara ucu-. . . umunara ucunga, kandi uyu ubasobanurira icyo mukeneye, turavuga mu buryo bw'umwuka. Umunara ucunga w'umubiri n'uw'umutima ndetse. Hari umunara ucunga mu mubiri, ubasobanurira icyo umubiri wanyu ukeneye, igikenewe, kandi mwagihishuriwe n'inyota. Hari kandi umunara ucunga mu mutima wanyu, ubasobanurira ibintu by'umwuka mukeneye, ikintu runaka mu mwuka wanyu, kandi - kandi ni ku bw'ibi mushobora kumenya ubwoko bw'ubuzima bubayobora.

Igihe igihe mushobora kubona ubwoko bw'ibyifuzo mufite, ni gutyo, noneho, mushobora kumenya ubwoko bw'ikintu kiri muri mwe, kirema icyo cyifuzo mufite. Murabona, hari ikintu runaka mukeneye, kandi ni - kandi ni ku bwa yo mushobora kumenya icyifuzo kiri mu mutima wanyu, ku bw'ubwoko bw'inyota mufite. Niringiye ko mushobora kubyumva.

13 Hari u - umunara ucunga umutima, kandi hari n'uw'umubiri; buri munara ugira umumaro wo kuburira kugira ngo werekane ibikenewe by'undi. Buri umwe usobanura icyo uhamagara akeneye, wohereza ikimenyetso kiburira.

Nk'urugero, umubiri ufite inyota yo guhaza ibyifuzo by'umubiri, n'umwuka wifuza ibintu biri mu mutima, icyifuzo kiri aho, kandi inshuro nyinshi bihangana hagati yabyo. Turabona aho ikibazo gikomeye uyu munsi, ni uko abantu benshi bagerageza kubaho hagati y'ibyo byifuzo bibiri. Mu by'ukuri, kimwe cyifuza ibintu byo ku isi, mu gihe ikindi cyifuza ibintu by'Ijuru.

14 Nk'uko Pawulo yabivuze, yabisobanuye, mu Baroma 7.21 "Iyo nshatse gukora icyiza, ikibi kikanza imbere." Iyo mugerageje, mwigeze mubyumva, bakirisitu? Ni uko, iyo mugerageje gukora ikintu gifite agaciro, mukihatira gukora ikiza, noneho muzabona umubi uri aho, ahantu hose, rwose kugira ngo abateshe umutwe mu bintu byose mu. . . Kandi ni ikimenyetso kiza, ibi. Ndashaka kuvuga ibi, kugira ngo abakirisito babimenye, kandi igihe cyose haba hari imbogamizi, kugira ngo zibateshe umutwe, mubikore rwose. Ni umubi, aho, ugerageza kubabuza gukora icyiza.

15 Noneho, inshuro nyinshi, mpura n'abantu bashaka gushyuha mu mutwe. Iyo babonye ko bagerageza gukora ikintu runaka noneho - noneho inzitizi zikazamuka impande zose, baravuga bati "Wenda ntibyari ubushake bw'Umwami." Murabona? Nyamara, ntimuzatume umubi ababeshya gutyo.

Mbere na mbere, ni ngombwa kubona niba ari ubushake bw'Imana cyangwa atari bwo. Noneho ubwo,

niba mushaka kumenya niba ari ubushake bw'Imana, murebe muri Bibiliya. Ngicyo iki - ikizabashyira ku murongo neza, ni Ijambo ry'Imana. Noneho ubwo, nimubona ko mukora ibyo bijyanye n'Ijambo ry'Imana. . .

Nko gushaka umubatizo w'Umwuka Wera. Inshuro nyinshi nahuye n'abantu bavugaga bati "Rwose, nashatse Umwuka Wera, kandi rwose sinashoboye kuwakira. Sinizera ko ari ku bwanjye. Igihe cyose mbitangiye kuwushaka, ndarwara. Iyo ntangiye gusenga, niba niyirije, ndarwara. Niba ngerageje kumara ijoro ryose, cyangwa kuguma maso, ngira ibitotsi cyane. Sinshobora kwigira imbere." Mwibuke, ibi, ni umubi. Mu by'ukuri, ni intego y'Imana ko mwabona Umwuka Wera. Ni ku muntu wese ushaka. Inshuro nyinshi, muzabona, igihe, mu iteraniro, mwakiriye isengesho ku bwo gukiza kw'Imana, noneho, bukeye bwaho, muzabona, nta gushidikanya ko umubi azakora ibishoboka byose kugira ngo bibe bibi cyane inshuro ebyiri kurusha ejo hashize. Murabona?

16 Mwibuke, ibi, ni Satani muri make ugerageza kubajyana kure y'umugisha w'Imana ibabikira. Murabona? Ntimuzumve rwose uwo muvugwa. Murabona? Mukomeze igihe cyose kwiruka mugana ku ntego. Nahuye nabyo mu gihe cya vuba, igihe najyaga muri Afurika. Niba harigeze habaho igihe umubi yanshiriye ibiti mu mipine, ni mu rugendo rwanjye ruheruka muri Afurika. Nyuma, ryabaye rimwe mu materaniro meza cyane, kimwe mu bihe byiza cyane nigeze ngira hakurya y'inyanja. Nizera ko nashoboye gusohoza ibintu byinshi mu gihe gito nabaye aho, - ntabariyemo urugendo rwanjye rwo guhiga, - ntari narigeze nkora mbere. Igihe cyose natekerezaga ko amatorero y'aho hakurya atanshakaga, kandi byarangiye mvumbuye. . . Nari nakiriye ibaruwa y'umuntu umwe, yavugaga ko, yoo, batanshakaga aho, ishyirahamwe ryose; kandi navumbuye ko byari umuntu umwe wenyine, hamwe n'ibaruwa y'ishyirahamwe, ifite umutwe wavugaga uti "Ntitubakeneye." Yashakaga kwivuga n'umuryango we. Murabona? Noneho, igihe nageraga aho. . . Murabona, ijambo "twe", byari we gusa n'umuryango we, ntibyari rwose abantu. Noneho, dore umurima munini wo gukoreramo udufunguriwe.

17 Murabona, igihe Pawulo yavugaga ati "Iyo nshatse gukora ikiza, ikibi kintanga imbere."

Umusore wahindutse aze ku gicaniro uyu mugoroba, ahantu runaka, aha muri iki gicaniro cyangwa - cyangwa ahandi mu gihugu; mwibuke neza ibi, ejo, mama azaba afite umujinya cyane kurusha ikindi gihe, kubera ko ari Satani, aho, ushaka gutuma muhindukira. Arashaka kubatandukanya n'inzira. "Iyo nshatse gukora icyiza, ikibi kintanga imbere."

18 Noneho turebe inyota, kandi turebe niba, mu buryo butunganye, inyota, ari ikintu gisanzwe. Abantu barambwiye bati "Yoo, njyewe, sinigeze mbigira. Nizera ko byahawe gusa abantu runaka kwemera kuba abakirisitu." Yoo oya. Birapfuye. Mu by'ukuri, ni ikintu cya rusange ku kiremwa muntu cyose. Nta gushidikanya, ni byo. Igihe twageraga muri icyo gihugu, aha, mu ntangiriro, twahabonye Abahinde. Kandi Abahinde, nubwo muri icyo gihe bari abapagani, baramyaga izuba cyangwa ikindi kintu. Mu gihe ari abantu, hari ikintu muri bo, inyota isanzwe, ihamagara Imana, ahantu runaka.

19 Imbere mu ishyamba ry'inzitane, aho, ubushize, kuri mayilo magana ane mirongo inani [km 772 - N.D.T.] mu buryo bw'imibereho bwose, icyaro gito gifite hafi ibihumbi bitatu by'abantu, i Beira, muri Mozambique. Twahabonye abaturage ba gakondo batari banafite ndetse. . . ntibari barigeze babona Umuzungu. Nahabonye umuturage gakondo, nta mwenda n'umwe yari yambaye (mu by'ukuri nta n'umwe muri bo wambara imyenda), kandi yari yicaye hejuru y'igiti. Nakurikiraga umworera w'intare, kandi hari. . . numvise urusaku rwasaga nk'urwikiremwa muntu. Uwo muturage gakondo ukiri muto aho hejuru, indoro iteye ubwoba, yari afite umwana mu biganza. Kandi icyamuteye ubwoba. . . Ubwirinzi bwe bwonyine bwo kurwanya intare, ingwe, cyangwa ikindi kintu, indi nyamaswa, ni ukurira igiti. Yarambonye, yumvise urusaku rw'ikiremwa muntu, ariko igihe yarebaga, kandi akabona Umuzungu! Ntiyari yarigeze amubona, ubuzima bwe bwose, murabona, noneho yagize ubwoba. Murabona?

Ariko igihe babonye ko abo bantu, ndetse muri iyo mimerere ya kera, bararamyaga rwose. Mbere yuko bahamagara intare, bamenaga ifu y'ibigori (ni byo barya) ku rupapuro ruto, bakomaga amashyi, noneho bagahamagara umwuka w'ikintu runaka gikomeye ahantu runaka, ntibari bazi aho (nk'umutware w'umutagatifu, cyangwa ikintu cy'ubwo bwoko, ku bagatulika), kugira ngo uyu abarinde, kugira ngo badapfa mu gihe iyo ntare yagira umujinya.

20 Murabona, ni ikintu gisanzwe. Si ikintu kidasanzwe kugira inyota y'Imana. Ni ikintu gisanzwe. Ni ikintu runaka muri make mwakagombye gukora. Imana yabaremye gutyo. Kandi si ikintu kiri hejuru y'umuntu, mu by'ukuri ni rusange ku kiremwa muntu cyose. Ntibigenewe gusa abantu runaka.

Baravuga bati "Noneho, nabonye abantu babayeho ubuzima bw'intsinzi cyane, ku buryo bari hejuru mu buryo buhoraho, bahimbaza Imana. Mbega ukuntu nshaka kwiyumva gutya." Noneho, niba mufite uwo mutima, ni ukubera inyota iri muri mwe. Kandi muri make ni ikintu gisanzwe. Biri muri buri muntu, kugira inyota y'Imana.

21 Noneho tugiye gufata zimwe muri zo, mu bisanzwe. Mbere na mbere, hari inyota. Dufate, nk'urugero, inyota y'amazi. Nk'uko Dawidi yabivugaga, aha, inyota, "amazi". Iyo dufite inyota, ni uko umubiri ukeneye

amazi. Kandi nimutica iyo nyota, muzarimbuka. Muzagira umwuma, kandi nti - ntimuzaguma kubaho. Niba mudashobora kubona amazi ngo mwice iyo nyota, kugira ngo mwice iyo nyota y'umubiri usanzwe, ntimuzatinda kurimbuka. Ntimuzaguma kubaho igihe kirekire. Mushobora kuguma kubaho igihe kirekire nta biryo, kurusha uko mwabishobora nta mazi. Mu by'ukuri, mushobora kwiyiriza iminsi mirongo ine (Yesu yarabikoze), ndatekereza, nta biryo, ariko ntimushobora kumara igihe kirekire nta mazi. Mwagira umwuma, muri make, kandi mwapfa. Mugomba kugira amazi. Kandi ni uko kumva inyota mwumva, noneho, ni ugusobanura ko umubiri ukeneye ikintu runaka, kugira ngo kiwufashe kuguma kubaho. Umubiri mu buryo nta kuka ugomba kugira amazi, kugira ngo ugume ubeho. Mugizwe na mirongo inani n'ibindi ku ijana by'amazi na peterole, mu buryo bwose; mugomba kumira ibyo bintu, kugira ngo mugume kubaho. Nk'uko nabivuze, nimusuzugura kubikora, muzarimbuka.

Inyota, na yo ni inzogera ikangura. Ni inzogera, uko kumva inyota. Umutima ukoma imbarutso y'inzogera, ikimenyetso gito kiburira imbere muri mwe, kibasobanurira ko urupfu ruzerera rufite umugambi mubisha, ko nimudashaka amazi vuba cyane, mugomba kuzapfa. Kandi ijwi riragenda rigira imbaraga cyane, kugeza ubwo nyuma, nimuguma gukerereza icyo kintu cyane, muzapfa, kubera ko ari sonori (inzogera).

22 Nk'uko Dawidi yabisobanuye, aha, muri Zaburi "Nk'uko imparakazi yahagizwa no kwifuza imigezi, ni ko umutima wanjye wahagizwa no kukwifuza Mana." Nk'uko imparakazi yahagizwa no kwifuza amazi!

Mu gusoma uyu murongo wa Dawidi, nakunze gutekereza kuri ibi. Dawidi yari umuntu wo mu biti, umuhigi. Kandi, mu bisanzwe, yahigaga ifumberi. Kandi benshi muri twe, mu minsi yacu, turayihiga. Imparakazi ni ifumberi.

Kandi turabona, niba mwarabonye imbwa, imbwa zo mu gasozi, zizafata ifumberi. Muri rusange, zigira amabwene nk'ay'indyanyama yitwa coyote. Kandi iyo mbwa ishobora gufata ifumberi, neza hejuru y'ugutwe, mu biti, aha, kandi ikayikubita hasi. Ikata umuhogo w'ifumberi, noneho uwo mwanya, ifumberi ntiba igifite amahirwe namwe yo kuhivana. Ariko rimwe na rimwe, imbwa, nk'urugero, muri Afurika, aho, imbwa yo mu gasozi izafata ifumberi mu rubavu, idashoboye kuyifata ku muhogo. Inshuro ya kabiri, izafata urubavu. Noneho niba ifumberi ifite imbaraga cyane kandi ikitabara vuba, ishobora kuzacika imbwa.

23 Ifumberi irihuta cyane. Imbwa iyifata iyo itareba, iyo iri mu muyaga ugereranyije na yo, kandi - kandi ikaba itazi ko imbwa iyegereye.

Noneho ubwo, iyo imbwa yo mu gasozi iyifashe, iyo irwanye vuba cyane, ishobora kwivana muri uwo mutego. Noneho, ariko iyo imbwa irekuje urubavu, iba ifite igice kinini cy'inyama y'ifumberi mu kanwa kayo. Cyangwa iyo iyifashe ku muhogo, rimwe na rimwe, izakata hafi y'umutsi wo ku muhogo noneho inyure ku ruhande. Kandi ifumberi, mu kuyihunga, izashikuza igice kinini cy'inyama y'umuhogo y'ifumberi, kandi aho amaraso atangira gutemba.

Noneho ubwo, imbwa uwo mwanya izahita yihutira gukurikirana ifumberi, ikurikira uwo muyoboro w'amaraso. Noneho mu gihe ubuzima bugenda busiga ifumberi, - amaraso nk'umugezi ukwirakwiza ubuzima mu mubiri, - mu gihe ubu buzima bugenda buyisiga, ifumberi icika intege. Noneho aho, imbwa, cyangwa ikirura, bijya ku mubiri w'ifumberi.

Noneho, iyo iyo fumberi idashoboye kubona amazi! Nyamara, hari ikintu runaka mu mazi, gituma, igihe ifumberi inyweye amazi, ihagarika kuva amaraso. Ariko iyo idafite amazi ngo igabanye ubushyuhe bwayo, noneho amaraso agenda arushaho gutemba cyane, kubera ko mu kwiruka, ituma umutima wayo utera cyane ubudacogora cyane. Ariko iyo ishoboye kugera ku mazi, ifumberi ihava ari nzima.

24 Noneho, hari isomo rikomeye twakura kuri ibyo, murabona, Dawidi wavugaga aha ati "Nk'uko imparakazi yahagizwa no kwifuza amazi, ni ko umutima wanjye wahagizwa no kukwifuza Mana."

Noneho, iyo fumberi, izi ko itabonye amazi, iba ipfuye. Muri make ntishobora kuhava ari nzima. Inshuro nyinshi byambayeho ko nkurikira inzira zazo, nyuma yuko zimaze gukomereka. Iyo ibonye umugezi, izawambuka noneho iwunywemo amazi, nyuma izazamuka ku musozi; izongera igaruke, yambuke, inywe amazi make, yongere izamuke. Ntimuzigera muyifata, igihe cyose izakurikira uwo mugezi. Ariko igihe ivuye kuri uwo mugezi, ubwo noneho, nidashobora kubona undi mugezi ahantu runaka, ntimuzatinda kuyifata. Kandi ifumberi, irabizi, ibi, ni yo mpamvu izaguma hafi y'amazi, kugira ngo ishobore kujyayo yihuta. Noneho, mushobora gutekereza ifumberi, izuru mu kirere, yaba iri ahantu runaka hatari amazi?

25 Aravuga ati "Nk'uko imparakazi igira inyota, cyangwa yahagira (ari byo nyota) ishaka amazi, umutima wanjye ukugirira inyota, o Mana. Nintakubona, Mwami, nzarimbuka. Si - si - sinzashobora gukomeza, nintakubona!" Kandi, igihe umugabo cyangwa umugore, umuhungu cyangwa umukobwa, yumvise ubu bwoko bw'inyota aho ku Mana, azabona ikintu runaka. Murabona?

Ariko, iyo dukomeje gake kugeza muri kimwe cya kabiri "Ubwo noneho, nzapfukama noneho ndebe

icyo Umwami azakora." Murabona, mu by'ukuri ntimwari mwagira inyota. Ni ngombwa ko biba inyota, ikibazo cy'urupfu cyangwa Ubugingo, kandi aho hazaba ikintu runaka.

26 Ifumberi, aho, ndetse, iza. . . Turabona ko ndetse ifite undi mwumviro, uwo guhumurirwa, ukoma imbarutso ya sonori yo gukangura muri yo igihe umwanzi wayo yegereje. Iyo nyamaswa ntoya, ifite muri yo umwumviro uyifasha kwirinda. Kandi ifite sonori ntoya ikangura muri yo, ikintu gito, ikoresha izuru igihe umwanzi yegereje. Iyo muri mu muyaga ugereranyije n'umwanzi, izamenya ko muri aho, noneho izava aho yihuta. Rimwe na rimwe, ku ntera ya kimwe cya kabiri cya mayilo [0.8 km - N.D.T], izabahumurirwa, mwe, cyangwa ikirura, cyangwa ikintu icyo ari cyo cyose kibi, noneho irokoke. Ifite ubushobozi bwo kubyumva, kubera ko ari ko iremye. Ni ifumberi, muri kamere. Kandi uwo mwumviro ifite muri yo, muri make ni umwe mu myumviro Imana yayihaye, kugira ngo iyifashe kuguma kubaho.

27 Noneho naratekereje, nagereranyaga ifumberi n'umuntu ufite inyota y'Imana. Mbere yuko umwanzi ahagera; hari ikintu mu mwana w'Imana, igihe mwabyawe n'Umwuka w'Imana, mwakiriye umubatizo w'Umwuka Wera, hari ikintu runaka mu muntu gishobora kumva ko umwanzi ahari. Mufate, nk'urugero, umuntu, igihe afashe Ibyanditswe, agasoma Ibyanditswe, kandi akagerageza kwinjiza kuri uwo murongo w'Ibyanditswe ikintu gitandukanye n'Ibyanditswe, umuntu wuzuye Umwuka Wera ashobora [Mwene Data Branham asakurisha intoki ze. - N.D.E.] kubyumva uwo mwanya. Hari ikintu gisona. Iyo ajyeze ahantu runaka, noneho, uwo mwumviro muto wihariye cyane mufite muri mwe, utabara kugira ngo urinde ubuzima bwanyu. Ntimugomba, ntimugomba na rimwe kwemera ikintu cyose, niba atari neza cyane Ijambo ry'Imana. Mugomba guhagarara mu buryo buhamye cyane kuri iryo Jambo. Kandi, noneho, turindwa n'uwo mwumviro, igihe turi mu Mwuka Wera.

28 Mushobora gutangira gusoma, tuvuge, nk'urugero, umuntu wavuga ati, ndasoma muri Mariko 16, ubwo nkavuga nti "Dore ibitangaza bizaherekeza abazizera: Mu Izina Ryanjye, bazirukana abadayimoni; bazavuga indimi nshya; nibafata inzoka, cyangwa bakanywa ikintu cyica, ibyo nta kintu bizabatwara; nibarambika ibiganza ku barwayi, aba bazakira."

Noneho, nyuma, mwabona umuntu azamuka aho hejuru noneha akavuga ati "Noneho, ibi, byari iby'igihe cy'intumwa." Ibi, uwo mwanya, aho, niba mwarakiriye Umwuka Wera, mwakiriye uwo mwumviro, - birabisembura. Hari ikintu kitari cyo, aho. Murabona? Bashaka kubona ibisobanuro kugira ngo bambure agaciro icyo kintu, bavuga ko byari iby'ikindi gihe, ko ibyo bintu, mu by'ukuri, tutakibikeneye uyu munsi. Ariko Yesu yaravuze ati "Dore ibimenyetso bizaherekeza abazizera." Murabona, niba hari ikintu gito runaka kivuga muri mwe, ikimenyetso gito kiburira, kibamenyesha ko atari byo kandi ko ari inzira y'urupfu.

29 Mu by'ukuri, Yesu yavuze ko "nitwongera ijambo rimwe gusa kuri Ibi, cyangwa tugakuraho Ijambo rimwe gusa, umugabane wacu uzakurwa mu Gitabo cy'Ubugingo". Murabona, nta n'umurongo n'umwe w'Ibyanditswe. Tugomba kuwufata neza nk'uko Wanditse. Imana yita ku Ijambo Ryayo, kugira ngo irisohoze, kandi tuzi ko mu mbaraga Ari ukuri rwose.

Noneho, ku bw'iyo mpamvu, icyo itorero rishobora kuvuga, icyo undi muntu wese ashobora kuvuga, niba mwarabyawe n'Umwuka w'Imana, muhinduka igice cya Bibiliya. Imana yabwiye Ezekiyeli iti, umuhanuzi. Iravuga iti "Fata umuzingo uwurye", noneho ubwo umuhanuzi n'umuzingo bahinditse ibice by'umwe ku wundi. Kandi ni kimwe no ku mwizera, iyo yakiriye Umwuka Wera; Umwuka Wera wanditse Bibiliya, kandi Umwuka w'Imana ni Ijambo ry'Imana. "Amagambo Yanjye ni Umwuka. Ku ntangiriro yari Jambo, kandi Jambo yari kumwe n'Imana, kandi Jambo yari Imana. Kandi Jambo yambaye umubiri, noneho Atura muri twe." Abaheburayo 13.8 "Uko Yari ejo, ni ko Ari uyu munsi n'iteka ryose." Iyo muri igice cy'iri Jambo, yoo, noneho, ikintu gitandukanye n'iryo Jambo kikaza, [Mwene Data Branham asakurisha intoki ze inshuro nyinshi. - N.D.E.] ibyo bisembura uwo mwanya ikimenyetso gito kiburira. Murabona, ni ukugira ngo kibaburire ko urupfu rubegereye. Ntidukwiye na rimwe kubikora.

Izo nyota ni izisanzwe muri make. Zirasanzwe ku mukirisitu. Zirasanzwe ku kiremwa muntu.

30 Hari kandi inyota yo kwamamara. Abantu benshi uyu munsi, inyigo dukora ku bw'iyo nyota! Tumaze kubona ko, ari ugusubira, muri kaminuza. Kandi tujyiye aho, kandi batakaza ibihumbi by'amadolari kugira ngo boherereze abana babo ku ishuli, kandi muri za kaminuza n'amashuli makuru, n'ibindi byose, kugira ngo ahakure inyigisho, "kugira ngo utsinde", nk'uko bavuga, "mu buzima". Ariko, noneho, nta kintu mbirwanyaho, aho, nta kintu kibi kuri ibyo. Ariko, uko mbyumva, nubwo mwakwiga inyigisho zose z'isi, igihe cyose ntimuzabona intsinzi y'ukuri. Ni byo. Mu by'ukuri, bizaborohereza ibintu aha gusa gake, mu gihe gito. Kandi hari. . . Ariko, iyo mupfuye, ibi byose mubisiga inyuma yanyu, hamwe n'iyo mikorere yose y'ubukungu dufite.

31 Ni cyo navugaga, undi munsi, i Phoenix. Bikwiye kongera kuvugwa na none "Iyi mibereho yose igezweho, gahunda y'imyigishirize yose, gahunda z'ubumenyi zose, ibi byose, bitandukanye n'ijambo ry'Imana n'ubushake Bwayo." Imibereho, mu buryo nta kuka ni. . . Ntihazongera na rimwe kubaho imibereho nk'iyi mu isi y'igihe kizaza. Iyi mibereho ni imibereho icuramye. Imibereho ya mbere Imana yagize ku isi, ni igihe Yavugaga Amagambo Yayo, kandi akagaragara, buri mbuto bijyanye n'ubwoko bwayo, kandi muri iyo mibereho, urupfu, indwara n'agahinda ntibyabagaho. Noneho ubu, dukoresha ibintu

by'ubumenyi bw'isi, byashyizwe aha kugira ngo bigume bibihuze, kandi tukabicurika kugira ngo bitange ikintu runaka, kandi ikivamo, ni urupfu.

Nk'urugero, igisasu kirimbuzi. Sinzi ukuntu ibyo bintu bikorwa, ariko - byashoboka ko nabivuga uko bigenda - bafata ubutabire bwa uranium kugira ngo bakuremo molekile (molecule), noneho molekile ikavamo uduce duto bita atomes. Noneho ni iki bitanga, icyo gihe? Bitsembaho gusa, urebye, birasenya gusa. Ibyo dukora byose!

32 Dufata umuti, tukongeraho iki kintu na kiriya kintu, kugira ngo dukize ikintu runaka, noneho tukabimira. Noneho ni iki dukora? Twoze ahandi hantu.

Noneho, ndatekereza ko musoma, ko mwasomye igitabo kitwa Readers Digest cy'ukwezi guheruka, aho bavugaga bati “Muri iki gisekuru turimo muri iki gihe, abagabo bakiri bato n'abagore bakiri bato bagera mu kigero gikuze hagati y'imyaka makumyabiri na makumyabiri n'itanu”. Mubitekerezeho. Abakobwa bakiri bato batangira gucura, ku myaka makumyabiri, makumyabiri n'ibiri, makumyabiri n'itatu, bagera ku myaka y'ubukure. Murabona, icyitanze ibi, ni ibiryo by'ibibangurirano, kandi ibyo bintu, ibyo turya. Murabona, ni ibyo bintu, ibiryo n'u - ubuzima tubayemo. Abantu bize iby'ubumenyi baduhaye ibi byose, kandi ni gutyo barimo kutwica.

Nagiye muri Afurika, kandi aho nabonye abagabo bakiri bato batari barigeze bafata umuti n'umwe mu buzima bwabo. Baryaga inyama zari zifite inzoka. Banywaga ku iriba, dukurikije uko risa, ryakwica ikimasa. Narasaga ku ntera ya yadi magana abiri [m 183 - N.D.T.], kandi sinabonaga intego, hamwe n'indeba kure ebyiri (jumelles) 7x 50. Noneho umugabo w'ikigero cyanjye yari aho, yambwiraga aho namukoze ku jisho ryambaye ubusa. Noneho, niba uyu muco wose ugezweho waratanze ikintu runaka. . . Njye, ndabona ko iyo nza kugira amaso n'igifu cy'uwo mugabo, nari bube umuntu umeze neza cyane. Yego. Ariko dore, murabona, ibi ni byo bumenyi, amasomo, imibereho, biratwica. Turiyica. Byatangiriye mu ngobyi ya Edeni, kandi birakomeje uyu munsi. Ariko, inyota yo kwamamara!

Noneho nyuma, tugira inyota yo kuba mu gikorwa cyo gusangira. Tujyiye, turashaka kuba mu gusangira.

33 Ni nk'umugabo ukiri muto n'umugore ukiri muto. Noneho, si iby'ubusa, cyangwa si (ndashaka kuvuga) ikintu kidasanzwe ku mugabo ukiri muto n'umugore ukiri muto gu - gukundana. Ni inyota y'urukundo. Ni iby'imyaka yabo, kandi ba - barakundana. Kandi si ikintu kidasanzwe, muri make ni ikintu gisanzwe kuri bo.

Noneho, tubona ko hari ibintu byinshi, mu buzima tubayeho muri uyu mubiri usanzwe, dufitiye inyota. Muri make ni ikintu kiri aho, imbere muri twe. Dushaka gukora ibyo bintu, tubona mu by'ukuri ko ari ngombwa. Kandi mu by'ukuri ni ngombwa ko tubikora.

Tubona ko hari abagore benshi, mu minsi yacu, bafite inyota y'ubwiza. Nyamara, nta mugore n'umwe. . . Ni ikintu gisanzwe ku mugore kugira inyota yo kuba mwiza. Ibi, ni - ni kamere ye, Imana yamuhaye, kandi - kandi ubwiza bwe Imana yamuhaye ku bwo kumuherekeza. Noneho ubwo, turabona ko abagore bashaka kumera gutyo. Kubera iki rwose? Muri make ni ukubera ko ari ikintu Imana yamuhaye. Kuba beza kw'abagore, nta kintu kibi kibirimo. Ni ko bagomba kumera.

34 Kandi, murazi, ibiremwa bimwe gusa aho - aho ikigore ari cyiza cyane kurusha ikigabo, ni mu bwoko bw'abantu. Inyamaswa zose, mufate inka n'ikimasa, imparakazi n'ifumberi, inkokokazi n'isake, inyoni y'ikigore n'inyoni y'ikigabo, muzabona igihe cyose ko ikigabo ari kinini cyane kandi ari cyiza. Ariko, mu bwoko bw'abantu, ikimenyetso ko ari aho hari ukuyoba, ni ikinyuranyo; ni abagore, noneho, beza, kandi bafite inyota yo kuba beza.

Si nka bimwe muri ibyo biremwa bidasanzwe tubona mu muhanda uyu munsi; oya, oya, si ubwo bwoko bw'ubwiza aho. Oya. Ibi, ni ibirori biteye ubwoba cyane nigeze mbona mu buzima bwanjye. Yego mugabo. Ibi, ni ubuyobe, ni ugucurika inyota y'ukuri.

35 Nyamara, inyota y'ukuri umugore yakagombye kugira, byakabaye “kwambara mu buryo buboneye, kandi akagira umwuka usa n'uwari muri Krisitu”, l Timoteyo 2.9. Noneho, umugore, ni ukuba gutya yakagombye kugirira inyota. Noneho, niba mushaka kuba beza, ni ibi bigize ubwiza bwanyu, murabona, ni umwuka usa n'uwari muri Krisitu, no kwambara mu buryo buboneye.

Oh! La la! Hari muri abo bantu tubona mu nzira uyu munsi! Ntidushobora gutandukanya umugabo n'umugore, kandi ni - ni ikintu giteye ubwoba cyane kubona ko mushobora. . . sinashobora, ni. . . Sinigeze na rimwe mbona ikintu gisa nk'icyo, bisa ku kiremwa muntu. Birenze urwego rw'umuntu. Amaso asize yose, kugeza hejuru cyane, gutyo, kandi, murazi, ayo maso atangaje y'umuserebanya n'iyo myenda yose itangaje. Kandi, ariko, ndetse si. . . byatakaje umwimerere cyane, ntibanasa ndetse n'ikiremwa muntu. Kandi abo bantu bakiri bato, aha, imisatsi yagaruwe ku gahanga, ni ubuyobe bwuzuye! Ni byo. Ni Satani, kandi Satani ni umubeshyi.

36 Igihe Imana yaremaga ibintu byose, mu ngobyi ya Edeni, byari byiza cyane, nyuma Satani yaraje noneho irayobya. Satani ntishobora kurema ikintu icyo ari cyo cyose. Hari Umuremyi umwe gusa, ni Imana. Ariko Satani ayobya ikiremwa cy'umwimerere. None dore yatangiye (ni kuri ibi nshaka kuvuga uyu mugoroba) kuyobya ikiremwa cy'umwimerere, inyota.

Noneho, umugore, nk'uko nabivugaga, arashaka kuba mwiza. Hari ikintu muri we, ni umugore kandi afite icyo cyifuzo.

Ariko, nk'uko ari abo mu muhanda, uyu munsi, hamwe n'imisatsi yogoshe nk'abagabo, bambaye imyenda y'abagabo; noneho nyuma n'abagabo bagakora igitandukanye, ngabo bambaye imyenda y'umugore, bafite inyogosho y'imisatsi nk'iy'abagore. Murabona, ni ubuyobe, byose barabicuritse! Ibiryo byanyu biracuritse. Ubuzima bwanyu buracuritse. Inyota yanyu, iracuritse. Icyifuzo cyanyu kiracuritse. Ni umunsi w'ubuyobe!

37 Bwa nyuma, aha, navuze kuri Edeni ya Satani. Imana yakoresheje imyaka ibihumbi bitandatu, kugira ngo ikore Edeni itunganye. Satani yaraje, yuhira izo mbuto noneho irazihindura. Noneho, ku musozo w'imyaka ibihumbi bitandatu byayo kuri yo, ifite Edeni yayo ivuye mu bumenyi, byose yabizanye mu buyobe bw'icyiza.

Kandi iki gisekuru ni icyo kubangurira, kubangurira. Dore ndetse n'amatorero, uyu munsi, arabanguriye. Ni byo. Bajya aho, bishimira kujya ku rusengero, ni ishyirahamwe aho kuba itorero. Itorero, ni ahantu abantu bateranira noneho bakaramya Imana mu Mwuka no mu Kuri. Uyu munsi, ni ishyirahamwe. Bajya aho bakahamara umwanya muto, guhana ikiganza noneho bagakora ubushuti bwa kivandimwe, hari ikahwa y'umukara imbere muri sale, noneho nyuma bagataha mu rugo kugeza mu cyumweru gitaha, twakoze inshingano zacu zo gusenga. Iki gisekuru ni igisekuru cyayobye. Kandi Satani ayobya izo nyota Imana yashyize muri mwe kugira ngo ibateze inyota. Satani iraziyobya. Nyamara, niba mushaka kumenya icyiza, ubuyobe. . .

38 Niba mwe, abagore, mushaka kuba beza, mufate ITimoteyo 2.9: ni ukwa "kwambara mu buryo - mu buryo buboneye, hamwe n'umwuka usa n'uwa Krisitu, boroheje, bubashye abagabo babo", n'ibindi byose. Ni ibi mwakagombye kwambara, ubuzima mubayeho.

Iyobya kamere y'ukuri y'Imana, n'inyota y'ukuri y'Imana, y'umubiri n'umutima, ku bwo kwifuza kw'icyaha. Icyaha, ubuyobe! Noneho, tubona, umuntu, uyu munsi, uburyo bafashwe muri ubwo buyobe. Inyota y'Imana, inyota yo kuba mwiza, n'izo nyota zose, iy'amazi, barayihinduye, bayishe mu kunywa ibisindisha. Inyota y'ibyishimo, isi yose irashaka ibyishimo; inyota yo kuba mu gikorwa cyo gusangira; izo nyota zose zikomeye Imana yashyize muri twe, kugira ngo tugire inyota Yayo. Imana yabaremye mu buryo muyigirira inyota, noneho tugashaka gushira inyota mu bundi bwoko bw'inyota, mu bundi bwoko bw'ubuyobe bw'inyota y'ukuri. Murabona ukuntu biba mu bisanzwe? Turatekereza ko, niba turi abayoboke b'itorero, byararangiye, ni cyo tugomba gukora gusa. Noneho, ibi, ni ikinyoma mu buryo bwuzuye. Oya. Imana irashaka ko muyigirira inyota! "Nk'uko imparakazi yahagizwa no kwifuza amazi, ni ko umutima wanjye wahagizwa no kukwifuza, Mana." Murabona? Murabona?

39 Noneho, iyo fumberi, iyo yahagiraga ishaka amazi, ni iki cyari bube iyo umuntu aza kuza, noneho, indi fumberi, inshuti yayo, na yo ikaza aho kandi ikavuga iti "Vuga noneho, ngiye kukubwira icyo nshobora gukora. Nzi ahantu hari iriba ryuzuye icyondo, aha." Noneho, ifumberi, ntiyabyemera. Ntibyayigirira neza na gato.

Kandi nta kintu cyashobora kwica iyo nyota iri mu kiremwa mu muntu, igihe cyose Imana itari yinjira muri we. Agomba kuyakira, niba atari ibyo ni urupfu. Kandi nta muntu ufite uburenganzira bwo kugerageza gucecekesha cyangwa kwica n'ibintu by'isi iyo nyota yera iri muri we. Oya mugabo. Ni ikimenyetso cyanduye nko gukora ibyo. Niba mufite inyota y'Imana, ntimuzahe ikiganza umubwirizabumwa kandi ngo mushyire izina ryanyu mu gitabo. Niba mufite inyota y'Imana, hari ikintu kimwe gusa gishobora kwica iyo nyota, ni uguhura n'Imana. Niba mufite inyota y'Imana, ni uburyo bumwe gusa, bwo guhura na Yo, ni cyo gikwiye gukorwa.

40 Noneho nyuma, hari ikibazo gikomeye, kandi, nimutitondera ibyo mukora, mu gihe runaka. Niba mufite inyota y'Imana, mumenye ko ari Imana muzabona. Murabona, mumenye ko ari inyota yanyu yishwe. Ariko niba Satani yarashoboye kubayobya, kubahindukiza kuri uko kuryoherwa gusanzwe, - ni cyo izakora niba ibishobora, - iza - izatuma muri make mugerageza kubona gushira inyota.

Umuntu uzajya, ni iki gituma umuntu asinda? Ni ukubera ko afite impungenge kandi ahangayitse cyane. Abuze ikintu runaka.

41 Nari ndi mu ivuriro ryitwa Mayo, aha, nta gihe kirekire gishize, kandi nari aho ku bw'ikiganiro. Noneho ubwo, byaravuzwe, aho, twavugaga ku gikorwa cyo kunywa, kandi nababwiye ko data yanywaga.

Yaravuze ati "Ni ukubera ko hari ikintu runaka ya. . . kitamuhazaga, kandi yatekerezaga ko mu kunywa, yashobora kukirukana mu mwuka we."

Numvise uwo mwanya, murabona. Mu by'ukuri byari Imana, yonyine gusa ishobora kumara iyo nyota. Yo gusa ishobora kwica iyo nyota y'umuntu, ni Imana Ubwayo, kwemera Imana.

42 Nyamara, Satani yafashe ibyo bintu, nk'uko nabivugaga, kandi yarabiyobeje. Noneho, niba mwe. . . Niba mudashaka guha iyo nyota umwanya igomba kugira mu buzima bwanyu, kandi mukaba mudashaka kugira inyota no gufata ibintu Imana yatanze kugira ngo yice iyo nyota, kugira ngo iyice, noneho Satani izabayobora ibajyana muri ibyo bitega by'ibyondo, by'iyi si. Mugomba kubona ahantu runaka. Nimudashobora kubona ibyo kurya, muzarira mu kimoteri. Murabona? Kandi niba mudashobora kubona amazi, kandi mukaba muri gupfa, muzanywa ku iriba runaka, kubera ko murimo kurimbuka.

Ariko nta mpamvu n'imwe yo kugera aho, igihe mufite inyota y'Imana, kubera ko Imana ari Imana nzima, si ikintu cy'amateka. "Umutima wanjye ufite inyota yawe, y'Imana nzima", Ikintu gitanga amazi y'ubugingo, Ikintu kimara inyota.

43 Hari ubundi bwoko, ikintu gisanzwe, inyota muri make isanzwe, ni iyo nyota y'umutima. Muzavuga muti "Mwene Data Branham, iyo nyota y'umutima, ese ni ikintu gisanzwe?" Yego, ni ikintu gisanzwe, mu mutima, kugira inyota. Kandi ni Imana, mu by'ukuri yabakoze gutyo. Ntiyari itegetswe kubakora gutyo, ariko ni cyo Yakoze. Kandi iyo Itaza kubakora gutyo, ku buryo mugira inyota, mwazagira impamvu mu Rukiko rw'Urubanza, mukavuga muti "Si sinigeze na rimwe ngira inyota y'Imana." Ariko, nta mpamvu n'imwe mufite, iyo nyota iri muri mwe. Muzayinyuza ku kintu runaka; muzayinyuza wenda ku mugore wanyu, muzayinyuza wenda ku ivatiri yanyu, muzayinyuza wenda ku kindi kintu, muzajya wenda ku rusengero kugira ngo mugerageze kuyica. Sindwanya kujya ku rusengero, ariko gushira inyota ntibiri hariya. Ni ukubona Imana, Imana nzima, Imana yo mu Ijuru, imbere mu mutima wanyu, kugira ngo muhaze icyo cyifuzo gikomeye n'iyo nyota, icyo mwifuza.

Nyamara, mu by'ukuri, Yabaremye mu buryo muyigirira inyota, kuba mu busabane na Yo. Nyamara, hariho inyota y'umwimerere yo gusangira. Noneho, dukunda guhura. Ni cyo dukora uyu mugoroba. Duhurira aha uyu mugoroba, kubera ko dukunda gusabana bamwe ku bandi. Kubera iki tubikora? Kubera ko hari ikintu muri twe, gituma dushaka guhura. Muri make birasanzwe. Kandi, ubu, dufite ikintu duhuriyeho kidutera imbaraga zo guhurira aha, ni uko twese dufite inyota y'Imana. Murabona? Kandi noneho, duhirira aha mu buryo buhoraho, kubera icyo kintu duhuriyeho, kugira ngo dusangire. Muri iri torero, uyu mugoroba, byashoboka ko habaho ibitekerezo byinshi by'idini bitandukanye, n'ibindi byose; ariko, kuko dufite iyo nyota, dushobora guhura hamwe n'ikintu duhuriyeho hagati yacu, iki kintu: twese dufite inyota. Bamwe bashobora kwizera ko ari ngombwa kujojoberezwaho, undi ko ari ngombwa kubatizwa (kwibizwa), undi ko ari ngombwa gusuka amazi, cyangwa na none; ariko ku bijyanye n'inyota y'Imana, tuza dufite ikintu duhuriyeho hagati yacu. Kandi Imana yadukoze ku buryo tubigira, ku buryo tugira inyota Ye kandi tukaba mu busabane hamwe na Yo. Nta kintu nzi. . .

44 Igihe nari nkiri umuhungu muto, ndibuka, nakuriye mu muryango ukennye cyane. Kandi ndibuka inshuro nyinshi ubwo nasohokanaga n'abasore. Sinashoboraga kwambara neza cyane kugira ngo nsohekere ahantu hakwiriye. Ariko, sinzi, hari ikintu runaka ku bantu, ndabakunda. Nkunda kuba ndi kumwe nabo. Ariko nari ndi urebye icyo bita intama y'umukara. Kandi igihe nakizwaga, kandi nkakira muri njye icyo Kintu nari mfitiye inyota, Inshuti, Umuntu waba inshuti kuri njye, Umuntu nshobora kugirira icyizere, Umuntu dushobora kwicarana kandi tukaganira ku bibazo. Kandi igihe. . . nabonye uko, uko gushira inyota nyakuri, igihe nabonaga Yesu Krisitu, Uwumara inyota mu by'ukuri, mu kuri, ukuraho byose-byose. . . umara iyo nyota yose, kandi ubaha Ikintu, ni ko bimeze, mu by'ukuri, nta kintu cyashobora kumusimbura.

45 Noneho ubu, ni kangahe Satani ashaka kuyobya uko gushira inyota k'umutima, iyo nyota y'umutima! Satani ishaka kubaha ibyo ishoboye byose kugira ngo iyice. Kandi ni umubeshyi cyane muri iyi minsi y'ubuyobe. Iyi si ni isi yayobye. Ni ubwoko bwayobye. Ni abantu bayobye. Byose byarayobye. Kandi ubuyobe bwagiye buba uko ibihe byagiye bikurikirana ku buryo turi ubu mu gisekuru cy'igishukanyi cyane aho nta kiremwa muntu na kimwe kigeze kiba ahantu nk'aho.

Noneho, ntimushobora mu by'ukuri - ntimushobora mu by'ukuri kwibaza urwego rw'ububeshyi iki gihugu cyayobyeho, ndetse no kuri bene Data, ni ukuvuga ubwoko bw'abanyamerika.

46 Hashize igihe runaka, navugaga. . . Nari mu ishyamba, hashize ibyumweru runaka, ubwo nabonye i - ipaki y'isigara hasi, mu ishyamba. Kandi aho hejuru, haravugaga hati "Akayunguruzo k'umuntu utekereza." Narongeye ndahindukira njya mu kindi cyerekezo cy'inzira mu ishyamba, ubwo ndongera ngaruka ku ntambwe zanjye; nahoraga mbyibuka "Akayunguruzo k'umuntu utekereza, uburyohe bw'umuntu unywa itabi."

Noneho ubwo, najyiye mu Murikagurisha Mpuzamahanga, hashize imyaka; murabyibuka, hari Yul Brynner n'abandi, bari aho, mu gihe bagiraga ibyo berekana ku isigara. Kandi aho, bashyize umwotsi ku gice cy'ibuye bita marbre, kandi bakoresheje agahiko gato basukuza mu matwi, bayoye nikotine yari hejuru, noneho bayishyira ku mugongo w'imbeba. Mu gihe cy'iminsi irindwi, yari yarashwanyagujwe cyane na kanseri ku buryo itashoboraga guhaguruka. Murabona, isigara imwe gusa! Noneho nyuma, berekanye

ikiba iyo biri mu gihaha cy'umuntu. Bamwe baravuga bati "Simira umwotsi. Umwotsi nkurekera mu kanwa." Berekanye ko bijya mu macandwe, noneho nyuma bikamanuka mu muhogo, ni kimwe, murabona.

Noneho nyuma, uwo mugabo, yaravugaga ati "Twumva bavuga cyane utuyunguruzo." Yaravuze ati "Nyamara, niba mufite icyifuzo", ari cyo nyota, murabona, "icyifuzo cyo kunywa isigara, isigara isanzwe yakwica icyo cyifuzo mu gihe gito. Ariko, niba mufite akayunguruzo, ni ngombwa isigara enye kugira ngo mwice icyo cyifuzo", yaravuze ati, "kubera ko hamwe n'ibi muba mufite hafi kimwe cya kane cy'umwotsi."

47 Kandi haravugaga hati "uburyohe bw'umuntu unywa itabi"? Murabona, ntushobora kubona umwotsi udafite ubuvunderi. Kandi iyo ufite ubuvunderi, uba ufite kanseri. Noneho, ngibyo, murabona, muri make ni imvugo yo kwamamaza. Noneho nibwira ko uruganda rw'itabi ruri muri iki gihugu, kandi rubeshejweho n'icyo gihugu, noneho rugasohora ikintu nk'icyo, kugira ngo gusa babeshye abaturage b'abanyamerika mu buryo bwuzuye, kugira ngo bababeshye. Akayunguruzo k'umuntu utekereza? Ni imvugo gusa yo kwamamaza kugira ngo bagurishe isigara nyinshi.

Nyuma, natekereje kuri ibi "Akayunguruzo k'umuntu utekereza," naribwiye nti, "ni igitekerezo cyiza, ibi." Mu by'ukuri, habaho mu by'ukuri, ako Kayunguruzo k'umuntu utekereza, ni iyo Bibiliya. Akayunguruzo k'umuntu utekereza, gukoresha aka Kayunguruzo, Ari cyo kizatanga uburyohe bw'umuntu ukiranuka. Murabona?

Nyamara, ntimushobora kunyuza icyaha mu mapaje y'iyi Bibiliya. Oya, Iragihagarika. Irakiyungurura, Iragisunika. Noneho, mushobora kujya ku rusengero, noneho mukahajyana ikintu icyo ari cyo cyose, ariko ntimushobora kunyura kuri iyi Bibiliya, noneho ngo mugire icyaha. Ntibizanyuraho. Iyungurura icyaha cyose, Iragisunika, noneho Igatanga uburyohe bw'umuntu wera. Mu by'ukuri, niba uyu muntu atekereza, ashaka kuba umuntu wera, kandi akamera nk'Imana, kandi akaba umuhungu cyangwa umukobwa w'Imana, ku bw'iyo mpamvu, arashaka kugira Akayunguruzo gakwiriye. Ni ukuvuga ngo, Aka gahagarika icyaha cyose kuri uru ruhande rwa Bibiliya, Gashobora gusa kunyuzaho Umwuka Wera muri Bibiliya, Uwanditse Bibiliya. Ni uburyohe bw'umuntu wera, kugira ako Kayunguruzo k'umuntu utekereza.

48 Nyamara, turabona ukuntu ikinyoma gikomeye uyu munsi. Muri Matayo 24.24, Yesu yaravuze ko "mu minsi ya nyuma, imyuka ibiri izaba yegeranye cyane, ku buryo byayobya ndetse n'Intore, bibaye bishoboka". Biregeranye cyane! Cyane, mbega ikinyoma tubona uyu munsi, ku bijyanye n'icyiza n'ikibi.

Ndetse no mu - no buyobozi bwacu (gouvernement) muri politiki yacu, nti - ntitunafite umuntu gusa twashobora gushyira mu mwanya nk'umunyapolitike, washyigikira mu by'ukuri icyo yemera ko ari ukuri. Ni he bari, ba Patrick Henry bacu, ba George Washington bacu na ba Abraham Lincoln bacu b'uyu munsi? Ni kimwe neza nk'uko Perezida wacu yabivuze, aho ati "Uburyo, niba ari kominisime abantu bashaka, bazayibona, ibyo bazashaka byose." Nguwo neza umuntu udashaka kuvuga ibyo yemera! Umuntu uzashyigikira amahame, uzashyigikira ihame. . . Twishimira guhitamo igisubizo cyoroshye.

Kandi abantu bageze aho, mu itorero. Bashaka kuza kuba abanyamuryango b'itorero, noneho baravuga bati "Yoo, noneho, biratunganye, nabaye umuyoboke w'itorero ubu." Mugerageza kwica iyo nyota ikomeye yera Imana yashyize muri mwe, uwo Munara urinda ushaka kubayobora ubajyana ku kintu cy'ukuri, mugerageza kuyica muba abayoboke b'itorero, musubiramo amahame y'itorero, cyangwa ikintu nk'icyo. Mu gihe hari gusa Ubwiza ndetse bw'Imana, kandi Imana Ubwayo yuzuza ubuzima bwanyu, ishobora kuyica.

49 Ntazayicisha amahame y'idini. Ntimuzigera na rimwe munyuza amahame y'idini muri iyi Bibiliya. Oya. Ntihanabaho ndetse ingirwa Mahame y'Intumwa, yashobora na rimwe kunyura muri Ibyo. Munyereke muri Bibiliya amahame y'Intumwa, ahavuga ngo "Nizera Kiriziya Gatulika yera y'i Roma; nizera gusabana kw'abera", mu gihe ikivugwa muri Bibiliya, ari ngo "Hari umuhuza umwe gusa hagati y'Imana n'abantu, kandi ni Yesu Krisitu Umuntu." Ntimuzigera na rimwe munyuza ibyo bintu muri Bibiliya.

50 Izo mbyino zose, n'ayo makabutura, n'ibyo bintu abantu bakora uyu munsi, imbyino za twist na tutsi, n'ibyo bintu byose, ntimuzigera na rimwe munyuza ibyo bintu mu Ijambo ry'Imana. Ayo mahitamo agezweho y'imibereho, ntimuzigera na rimwe mubinyuza muri iyi Bibiliya. Irabirwanya. Murabona? Kandi mugerageza kwica iyo nyota, ariko, murabona, ya. . . Iyo Bibiliya izahaza gusa umuryohe w'umugabo cyangwa umugore ukiranuka. Uwo Mwuka Wera, biha gusuzugura, kandi bakavuga bati "Wataye umutwe." Ariko Ni cyo guhaza icyo cyifuzo gikomeye, ni ikintu isi itaziho ikintu na kimwe. Barayobye, bateye umugongo umubatizo w'ukuri w'Umwuka Wera n'Ijambo ry'Imana, kugira ngo bahindukirire (iki?) ibitega by'ibyondo by'itorero, imyizerere, amahame, no - no mu mpaka z'amadini, n'ibindi byose.

Turavuga tuti "Muri umukirisitu?

Ndi umumetodisiti.

Ndi umubatisita.

Ndi umuperesebiteriyene."

Ibi, ku Mana nta kintu bivuze, mu by'ukuri nta cyo. Ntimushobora kunyuza ibyo bintu muri Bibiliya y'Imana, aha. Kandi mugerageza kwica iyo nyota yera Imana yabahaye kugira ngo muyigirire inyota. Si byo?

51 Noneho, muzi ko Dawidi yavuze aha ati "Y'Imana nzima." Nyamara "Ku itangiriro yari Jambo, kandi Jambo yahoranye n'Imana, kandi Jambo yari Imana. Kandi Jambo yambaye umubiri, kandi Atura muri twe." Rwose ntihashobora kuboneka kwica inyota na guto, igihe cyose iri Jambo, ari ryo Mana, ritari ryaba rizima muri mwe, kandi ni aho mubona Imana Ubwayo isohoza amasezerano Yatanze muri Bibiliya.

52 Noneho dufite abasobanuzi benshi ba Bibiliya. Itorero rimwe riyisobanura gutya, irindi riyisobanura gutyo, n'irindi gutya. Amwe afatamo gusa akantu gato, andi afatamo igice aha na hariya. Ariko Imana ni Yo Yisobanura. Iyo Itanze isezerano kandi Ikarisohoza, iki ni cyo gisobanuro.

Niba nari nabasezeranije ko ndi bube ndi aha uyu mugoroba, kandi ndi aha, ibi ni byo gusohora kw'isezerano ryanjye. Nimvuga ko tuzahura ejo mu gitondo, kandi nkaba mpari, ni isezerano ryanjye. Sinkeneye kubona izindi nzitwazo, ni ngombwa ko mba mpari.

Kimwe n'uko, igihe Imana itanze isezerano, noneho nyuma Ikaza gusohoza iryo sezerano, ibi ni bwo busobanuro bw'isezerano. Nahamagarira umuntu wese gufata Imana ku Ijambo, kugira ngo arebe niba mu by'ukuri buri Jambo ry'iyi Bibiliya ari Ukuri neza. Ni byo. Ni ibi, iyo nyota iri aho imbere.

Muravuga muti "Iyo nza kubaho mu gihe cya Yesu, mba narakoze iki kintu na kiriya."

Ariko, muriho mu gihe Cye. Ni iki tubikoraho? Ni iki dukora? Muravuga muti "Noneho?" Icyo mwakoze, wenda ni icyo abafarisayo bakoze. Bari abayoboke b'itorero, kandi bahakanye Yesu Krisitu.

53 Uyu munsi, igihe cyose turavuga tuti, abantu bagerageza kuvuga bati "Turagereranya. Tugomba kugereranya Bibiliya, ipaje ku ipaje, umurongo ku murongo." Si Ukuri. Oya, si Ukuri. "Iri jambo ry'ikigiriki rishatse kuvuga ibi, n'ibi bishatse kuvuga biriya." Abagiriki ubwabo, mu gihe cya kera cya Konsile y'i Nikeya, n'abanditsi b'icyo gihe, bari bafite ibitekerezo bitandukanye. Umwe yizeraga ikintu runaka, ko umuhanga runaka mu rurimi rw'ikigereki, ari ibi yashatse kuvuga, n'undi yavugaga ko uriya wundi, ari ibi yashatse kuvuga. Noneho bagatonganira kuri ibyo. Ntidukeneye ubusobanuro bw'abahanga mu rurimi rw'ikigereki, cyangwa amagambo y'ikigereki.

"Kumumenya, We, ni Ubugingo", Umuntu, Krisitu Ubwe! Si mu kugereranya. Ni mu guhishurirwa, Imana izubakaho Itorero Ryayo. Kandi nitutubakira kuri iryo Torero rimwe. . . Bibiliya iravuga iti "Abeli, mu kwizera!" Kandi kwizera, ni uguhishurirwa kw'Imana. Murabona, kwizera, ni uguhishurirwa kuvuye ku Mana. Byiza. Ibi byose byubakiye ku guhishurirwa, noneho ubwo, keretse mubihishuriwe! Yesu yaravuze ati "Ndagushimiye, Data, kuko Wahishe ibi bintu abanyabwenge b'iyi isi, Ukabibishurira abana, ari bo bagenewe kwiga." Murabona, nyamara ni aho hejuru byose byubakiye: mugomba kumenya Umuntu!

54 Kandi ntimushobora kubihaza mu kuba abayoboke b'itorero. Mugomba kubona Umuntu, Imana Ubwayo, ari yo Jambo n'ubusobanuro bwa Yo Ubwayo uyu munsi, amasezerano Yatanze uyu munsi. Abantu yagombaga kubona muri uyu munsi, "Itorero ridafite ikizinga n'umunkanyari", ntibishatse kuvuga idini, bishatse kuvuga abantu, abantu ku giti cyabo, badafite ikizinga n'umunkanyari. "Hazaba hari abantu babiri ku gitanda, Nzafata umwe, Nsige undi; babiri mu murima, Nzafata umwe noneho Nsige undi." Ariko igihe Imana, iyo nyota yera yo kumera nka Yo, noneho nyuma mukabona ko Ijambo Ryayo riri muri mwe, ko Ryihamiriza Ubwaryo, ko muri umugaragu w'Imana. Ibyo Imana ivuga byose, mwihuza na byo mu buryo bwuzuye, noneho mukurikira uburyo bukwiriye, icyo gihe, kugira ngo mwice iyo nyota yera iri muri mwe.

55 Yoo, mu bigaragara, abantu bazabasuzugura, noneho bavuge bati "Wataye umutwe. Wahindutse umusazi." Ariko mwibuke icyo banywa, murabona. Murebe aho bari. Mushobora kwibaza iriba rinini ry'amazi ridudubiza amazi meza, noneho umuntu akaba ari aho hakurya, kuri kimwe muri ibyo bitega cyuzuye imihini yapfuye, amahame y'idini n'ibindi byose, anywera aho noneho akabarebera, hasi, kandi akabanegura? Yoo! Turebe, ntazi, ntazi ukuntu - ukuntu bimara inyota, uwo Mugezi aho muba. Ni byo rwose.

Dufite Imana nzima. Si iyapfuye hashize imyaka igihumbi na magana kenda kandi yagumye mu gituro, ahubwo Iyazutse. Abaheburayo 13.8 haravuga hati "Uko Yari ejo, ni ko Ari uyu munsi n'iteka ryose." Uwo Mwuka Wera umwe wamanutse ku Munsi wa Pantekote, ni Umwuka Wera umwe uri aha uyu mwanya. Ni Igice kimara inyota mu buryo bwuzuye, kubera ko Ari Ijambo. Ni byo. Umwuka Wera wanditse Ijambo, ni Wo usobanura Ijambo. Bibiliya iravuga iti, muri Petero wa II, ko Umwuka Wera wanditse Bibiliya, ko "abantu basunitswe n'Umwuka Wera, kera, banditse Bibiliya".

Noneho, ntimushobora kuhagera, ntimushobora kwica iyo nyota yera n'ikindi kintu keretse Imana Ubwayo, iba muri mwe, mu Muntu w'Umwuka Wera. Kwiga, umuco, kuba umuyoboke w'amatorero, kuvuga amahame y'idini, kwifatanya n'ishyirahamwe, ibyo bintu byose, ni byiza cyane, ariko mu buryo nta kuka ntibizarangiza uko guceceka kwera, iyo - iyo nyota yera, ahubwo, ntibizacecekesha iyo nyota yera.

56 Numvaga Billy Graham, umuvugabutumwa ukomeye, undi mugoroba. Kandi ndabibabwiye, ndamusengera kurusha ikindi gihe cyose, igihe namubonaga akubita kuri abo bantu, kubera ibyo bari bakoze. Yaravugaga ati "Iri tsinda ry'abantu ry'abanyedini bazaga ku muhanda, amakora yabo areba inyuma!" Bajyiye aho hakurya, aho batagombaga kujya, gushyira amazuru yabo mu kintu runaka. Ariko bijyiriye mu muhanda, [Mwene Data Branham akubita mu biganza. - N.D.E.] akubita ibiganza kandi akabita ikirenge hasi. Tuba twaravuze abatwawe n'umwuka, yego, ariko banduye. Noneho, ariko, murabona, hari ikintu bizera. Hari ikintu gitwika umutima wabo. Hari ikintu cyabatwikaga. Umugore yajyiye aho hakurya noneho yivanga mu kintu, - bamufashe nk'uwahowe Imana ku bw'ibyo, - mu gihe atagombaga kwivangamo. Noneho, turabona ko abo bantu [Mwene Data Branham akubita ibiganza.], bari bafite impamvu yo gukubita ibiganza. Bari bafite amahirwe. Bakoraga ikintu runaka.

Noneho, niba mushobora gukora ibi, ku bw'ihame mwizera ko ari ukuri, aha; noneho nyuma mukongera kwibona mu rusengero aho, niba umuntu akubise ibiganza cyangwa akubise hasi ikirenge, abadiyakoni baramusohora. Murabona, bayoboye abayoboke babo ku gitega cyanduye, mu mahame no mu madini, aho kubagaburira Ijambo ry'Imana, ryera kandi rifite umugisha, ryazanywe n'Imbaraga z'umuzuko wa Yesu Krisitu.

57 Murabona, bagerageza ku. . . bica inyota yabo, bavuga bati "Ndi Umudogiteri Runaka", cyangwa mu gusohoka mu isemineri runaka cyangwa ishuli runaka. Ariko nta cyo bishatse kuvuga, ibi, nta cyo rwose. Ariko, murabona, ba - bagerageza kwiyicira inyota, bavuga bati "Noneho, Imana izanyemera, kubera ko ndi umushumba wayo. Imana izanyemera, kubera ko ndi Padiri mutagatifu Runaka, cyangwa eveke Runaka", cyangwa - cyangwa ikintu nk'icyo. Bagerageza kwica inyota yabo bakoresheje ibi, mu gihe tudashobora. "Mfite impamyabumenyi y'ikirenga (doctirat) muri filozofiya, impamyabumenyi y'ikirenga mu mategeko, mfite impumyabumenyi y'icyiciro cya kabiri mu ndimi. Mfite ibi." Ni byiza. Ariko, uko mbyumva, icyo bishatse kuvuga cyose, ni uko mukiri kure cyane y'Imana. Ni byo. Na none kure cyane y'Imana, igihe cyose.

Mushobora gusa kumenya Imana mu bunararibonye. Ntimushobora kubyakira binyuze mu kwiga. Ni mu kuvuka mumwakira! Ni ikintu Imana ibaha. Kwiga nta sano bifitanye. Umwe mu bantu bakomeye ba Bibiliya ntiyanashoboraga gusinya mu izina rye: Mutagatifu Petero. Ni byo rwose, we na Yohana, Bibiliya ivuga ko "bose bari abantu babiri bo mu bantu batize". Ariko Yesu yabonye ko ari byiza kumuha imfunguzo z'Ubwami, kubera ko yari afite inyota y'Imana. Amina. Yari afite inyota y'Imana, yo gusabana. Yego mugabo. Oh! La la!

58 Ndatekereza kuri Yesaya, uwo mugabo ukiri muto, yoo, umugabo ukiri muto mwiza cyane, yari aho mu rusengero, umunsi umwe.

Uwo mwami ukomeye, kandi yaramutangariye cyane, yamufataga nk'umwe mu bantu bakomeye bariho. Kandi yari we, umuntu ukomeye. Yari yararezwe n'ababyeyi beza, mama mwiza na papa mwiza. Ariko, ku ntangiriro, politike ye nta kizinga yari ifite, kandi yagendanaga n'amategeko y'Imana. Yesaya yaramurebaga, kandi yamufataga nk'umuntu ukomeye, yafataga urugero kuri we. Ariko ntimuzafate urugero ku wundi muntu wese uretse Umuntu wa Yesu Krisitu. Abantu bose bazatsindwa. Mu gihe runaka, yageze ahantu; yari - yari umwami, ariko yagerageje gufata umwanya w'umutambyi, yinjiye mu rusengero, noneho akubitwa n'ibibembe.

Noneho, Yesaya yarahangayitse cyane, noneho ubwo yajyiye mu rusengero ubwo atangira gusenga; yari yibwiye ko yajya aho hakurya gusenga mu gihe runaka. Nyamara, murebe, uwo muntu yari umuhanuzi; ariko aho mu rusengero, yari umugabo ukiri muto, watakiraga Imana, umunsi umwe, noneho iyerekwa riboneka imbere ye. Kandi, uwo mwanya, yabonye Abamarayika, Abakerube, bari bitwikiriye mu maso hamwe na - n'amababa yabo, kandi bari bitwikiriye ibirenge, kandi bagurukaga n'amababa abiri. Kandi bagendaga, bagaruka, mu burebure no mu bugari, mu rusengero, bavuga bati "Uwera, uwera, uwera ni Umwami Mana, Imana Ishobora Byose."

59 Noneho Yesaya, iyo nyota ikomeye yari afite. Ya - yagombye kwiga. Ya - yari yarize neza nta gushidikanya. Yari afite ukuntu yumvaga Imana yagombaga kumera mu buryo buhebuje. Ya - yari yarumvise bavuga abatambyi. Yari yarabaye mu rusengero. Yari yararezwe nk'umwizera, ariko, murabona, ntiyari yagahuye na Yo amaso ku maso. Murabona? Ya - yarafite icyifuzo cyo gukora icyiza. Yashakaga kuba mu kuri, ariko ibyo yari afite byose, rwari uruhande rwo kwiga. Yari yarakiriye uruhande rwa tewolojiya.

Ariko uwo munsi, igihe yajyaga mu rusengero, aho, kandi akabona abo Bakerubi bakubitaga amababa, mu buryo bugaragara, kandi akumva ko abo Bamarayika bakoraga umurimo imbere y'Imana. Kandi abo Bamarayika ntibari banazi icyo icyaha cyari cyo, kandi, kugira ngo bahagarare mu Bwiza bw'Imana, bagombaga kwitwikira mu maso Habo hera, kugira ngo bahagarare mu Bwiza bw'Imana. Noneho ubwo uwo muhanuzi yatereye hejuru ati "Ngushije ishyano, kuko ndi umuntu ufite iminwa yanduye. Tewolojiya yanjye yose, tewolojiya yanjye n'ibintu nize, uko numvaga Imana kose mu buryo butangaje, noneho nibonye amaso ku maso hamwe n'ibi." Yaravuze ati "Ndi umuntu ufite iminwa yanduye, kandi ntuye mu

bwoko bufite iminwa yanduye." Inyigisho yabo yose y'amategeko n'ibintu bari barakoze, ibyo byose ntibyari byarigeze bimujyana ku rwego yinjiye mu Bwiza bw'Imana, aho yabonye Imana n'amaso ye, n'amadinda y'ikanzu Yayo, mu gihe Yari yicaye Hejuru, mu Ijuru. Yibonye amaso ku maso hamwe n'ukuri. Noneho aterera hejuru ati "Ndi umuntu ufite iminwa yanduye, kandi ntuye hagati y'ubwoko bwanduye."

60 Noneho ni aho Umukerubi yafashe ipensi, kandi hamwe n'ibuye ryaka ryari ku gicaniro, arikoza kuri iyo minwa yanduye. Kandi ni icyo cyamuhinduye, imukura mu munyantege nke, mu muntu wize, mu mudogiteri, yari we, imugira umuhanuzi Ijambo ry'Imana ryashobora kuvugirwamo. Nta gushidikanya, mu gihe yari mu Bwiza bw'Imana, cyari ikintu gitandukanye. Iyo nyota yari afite, yari yageze hejuru cyane ku buryo yujujwe n'Ibyo.

Kandi, ngiye kubabwira, nshuti yanjye, nta cyo bimbwiye cyane umubare w'amatorero mubereye abayoboke, umubare w'amazina mushyiramo, inzira mukurikiye, mwaba mwarajojoberejweho, mwaribijwe, cyangwa ni iki nibagiwe, igihe cyose muzaba mutarahura n'uwo Muntu, Yesu Krisitu! Ngibyo, ni ikintu kimwe gusa kizamara inyota mu by'ukuri.

Amarangamutima ntazakora umurimo; nubwo mwasimbuka mu kirere kandi mugasakuza igihe kirekire mushaka, cyanga nubwo mwakwiruka muva ku ruhande rumwe rwa sale mujya ku rundi rwa sale kandi nubwo mwavuga mu ndimi igihe cyose mwashaka. Kandi ibyo bintu birera kandi ni byiza. Nta kintu mfite cyo kuvuga - nta kintu mbirwanyaho. Mu buryo bwuzuye, icyo Kintu Runaka gifata buri muyoboro wanyu; bidakozwe n'amarangamutima, ahubwo no gushira inyota!

61 Hari icyapa cyamamaza nabonaga, kera, cyaravugaga kiti "Niba mufite inyota, muvuge Parfay." Hari ikinyobwa, muri icyo gihe, igihe nari nkiri umusore, cyitwaga Parfay. Ndibuka, nazaga ku muhanda, yoo, nari nagiye kuroba mu kizenga, muri ayo mazi ya kera y'ibitega. Nari mfite inzara y'ikirura, noneho mbona icyapa cyamamaza cyavugaga kiti "Niba mufite inyota, mugomba kuvuga gusa Parfay." Natangiye kuvuga nti "Parfay, Parfay." Nagiraga inyota kurushaho. Noneho na - na . . . Murabona, mu mwanya runaka, na - na - narimfite inyota cyane ku buryo ntashoboraga no gucira, nari mfite inyota cyane - cyane.

Noneho, murabona, ibi, nta cyo bizamara. Nta kintu kizayimara; nta cyo bimbwiye cyane, nubwo mwanywa coca-cola, nubwo mwanywa ibyo mushaka byose, ibyo binyobwa byuzuye gaze n'isukari, n'ibindi byose, ariko nta kintu kizamara inyota nk'umugezi mwiza w'amazi akonje, akonje. Ngicyo ikizica iyo nyota. Ibyo bintu bindi byose ni ibisimbura.

62 Ese ni ukubera iki bemera igisimbura, mu gihe hariho umubatizo w'umwimerere w'Umwuka Wera, uhaza buri muyobora n'icyifuzo gikomeye kiri mu mutima w'umuntu? Kugira ngo nyuma mushobore kurwana n'urupfu, nk'uko intumwa ikomeye Pawulo, yavuze iti "O wa rupfu we, uruburi rwawe ruri he? Na we, wa gituro we, kunesha kwawe kuri he? Ariko Imana ishimwe, iduha gutsinda mu Mwami wacu Yesu Krisitu!" Ngubwo ubunararibonye, mwene Data, ngicyo igihaza uko guceceka kwera. . . cyangwa, iyo nyota yera iri muri mwe. Rirayica. Ntimugikeneye kubyitaho. Yego, Ibyo byeza iminwa.

Kandi hari bamwe muri abo bantu gusa babeshwaho n'amarangamutima, ya. . . Abantu bamwe baravuga bati "Noneho, dufite ibintu byinshi nk'ibi mu ishyirahamwe ryacu rya pantekote." Kandi bazajya aho, ikintu cyiza, bazakubita mu biganza [Mwene Data Branham akubita mu biganza. - N.D.E.], kandi bakine imiziki. Umuziki urahagarara "Shh, wuuuhh", indobo y'amazi, byose biribiye, murabona. Nyamara ni cyo dukora, ni cyo twamenyereye gukora. Dufite, twe - twe. . . Byahindutse muri make umwe mu mico yacu.

63 Ngiye kubabwira ikintu runaka. Iyo muramya Imana, mu Mwuka no mu Kuri; iyo bihindutse umuco kuri mwe kubikora, kubera ko mutekereza ko ari cyo mwakogombye gukora, kubera ko mutekereza ko, nimudasakuza, ntimusimbuke mu kirere, cyangwa ntimubyine mujyana n'umuvuduko w'umuziki, umuturanyi wanyu azatekereza ko mwasigaye inyuma, munywera ku mugezi w'amazi adatemba. Ni byo!

Igihe cyose Atazuzuza buri muyoboro, Umwuka Wera Ubwawo ntuzabirira muri mwe; nta kintu bimbwiye cyane ko umuziki ukinwa cyangwa udakinwa, baba barimo gukina Mana Yanjye, hafi cyane Yawe, cyangwa ikintu cyose, Umwuka Wera igihe cyose uba uri aho kugira ngo uvuze inzogera z'ikuzo mu mutima wanyu. Ngicyo ikimara inyota. Ngicyo Igice cy'Imana kimara inyota mu buryo bwuzuye. Cyeretse mufite Ibyo, naho ubundi mwaratakaye.

Nubwo mwavuga ururimi rw'abantu n'urw'Abamarayika, nubwo mwatanga ibyanyu byose bikaba ibiryo by'abakene, nubwo mwahanura, kandi nubwo mwagira ubumenyi, kumva ubwiru bwose n'ibyo bintu byose, nubwo bimeze gutyo, nta kintu muri cyo (I Abakorinto 13), igihe cyose muzaba mutarakira icyo Kintu kimara inyota mu buryo bwuzuye, ari cyo cyonyine gishobora kwica iyo nyota.

"Umutima wanjye ufitiye inyota Imana nzima, nk'uko imparakazi yahagira ishaka amazi. Nintayibona, nzarimbuka." Igihe muzagira inzara y'Imana gutyo, noneho ubwo hari ikintu kizaba. Umwuka Wera uri aho kugira ngo ubaayobore kuri izo soko zikomeye z'Imana. Yego mugabo.

64 Nyamara, ni ikintu cyiza kuramya mu Mwuka. Ni byo. Ariko rimwe na rimwe tubona Umwuka tudafite

Ukuri. Muri Yohana 4, haravuga ngo "Turamya Imana mu Mwuka no mu Kuri." Kandi Yesu ni Ukuri. Ni byo rwose. Kandi Ni Jambo.

Imigezi Imana yaboherereje kugira ngo ibamare inyota, mu bisanzwe, Satani yose yarayanduje. Yashyizemo ibiyobya bwenge, uburozi, mu yo yashoboye kwinjiramo yose. Ni byo. Yafashe uwo mugezi munini wose: itorero.

Ibi, bwari uburyo Imana yahisemo. Yesu yaravuze ati "Kuri iri Buye Nzubaka Itorero Ryanjye, kandi amarembo y'ikuzimu ntazarishobora."

Nyamara, hari ibitekerezo bitandukanue aho hejuru. Abaroma, abagatulika, bavuga ko "Yaryubatse kuri Petero". Murabona, niba ari ko bimeze, Petero yasubiye inyuma, nyuma y'iminsi runaka. Noneho, Ntiryubatswe, nta gushidikanya Ntiryubatswe kuri Petero, Petra, ibuye rito. Abaporotesitanti, bo, bavuga ko "Yaryubatse kuri We Ubwe, Yesu Krisitu". Si ukugira ngo mbe umuntu utandukanye, ahubwo sinemeranya na bo. Ntiyaryubatse, kuri kimwe, muri byo.

Yaryubatse ku guhishurirwa k'Uwo Yari We. Yaravuze ati "Urahirwa Simoni, mwene Yonasi, si umubiri n'amaraso byabiguhishuriye, ahubwo Data wo mu Ijuru wabiguhishuriye." Si ubumenyi! Ntiwabyiza mu bitabo. Ntiwabyigiye mukuba umuyoboke w'itorero. Ntiwabyigiye mu gusakuza. Wa. . . Ahubwo ni Umwuka Wera Ubwawo wakweretse Umuntu wa Yesu Krisitu, noneho "kuri iryo Buye Nzubakaho Itorero Ryanjye, kandi amarembo y'ikuzimu ntazarishobora". Iyo nyota yera yiciwe mu Muntu wa Yesu Krisitu. Ngibyo. Ni cyo dushaka gushaka, kwica iyo nyota dukoresheje Ibyo. Byiza, turabona ko tugomba. . .

65 Ubumenyi? Oh! La la! Ubumenyi ni ikintu kidasanzwe, turabwuzuye, n'uyu munsi turabwuzuye. Ariko, murabona, ubumenyi. . . nk'uko nabivugaga undi munsi, navugaga kuri iyo nsanganyamatsiko, ku bumenyi. Hari umuntu hanze, yavuganaga n'imwe mu nshuti zanjye yari iri aho; yaravugaga ati "Niba umuntu atemera kwiga, ese ni ukubera iki asoma Bibiliya?" Ba. . .

Naribwiye nti "Noneho, ntibumvise icyo Umwami Yesu yavuze, ni gute noneho bazumva ikigoryi nka njye, icyo njye, mvuga?" Ntibanamwumvise, We wavugaga neza cyane.

Umunsi umwe, aho, Yaravuze ati "Nimutarya umubiri, Amaraso, nimutanywa Amaraso kandi ntimurye umubiri w'Umwana w'umuntu, ntimufite Ubugingo muri mwe ubwanyu." Ntiyabisobanuye. Yakomeje inzira Ye. Ni byo. Murabona?

"Noneho," baravuze bati, "uyu Mugabo ni umuryabantu. Turashaka ko Ya. . . Kurya umubiri We, kunywa Amaraso Ye; ni umuzimu unywa amaraso y'abantu. Murabona? Arashaka kutugira ibinywamaraso y'abantu." Murabona? Abanyabwenge!

Ariko Yaravuze ati "Intama zanjye zumva Ijwi Ryanjye." Murabona, Bizahabwa Intore, abo Imana yatoranije mu bushobozi Bwayo bwo kumenya ibizaba mbere. "N'abo Data . . . Nta n'umwe ushobora kunsanga Data atamuhamagaye. N'abo Data yampaye bose, bazaza, bazumva." Abo bigishwa ntibashoboraga kumva, ariko baramwizeraga. Murabona? Ni byo. Niba mumwizera! Hari ibintu byinshi ntumva. Ariko ndamwizera, murabona, kubera ko Imana yavuze ko ari ko byari bimeze.

66 Ubumenyi. Murazi, ubutumwa bwiza bwa Satani, ni ubumenyi. Mwari mubize? Yabibwirije Eva mu ngobyi ya Edeni, kandi yayobejwe n'ubutumwa bwe bwiza bwo kumenya. Rwose, noneho yandurishije inyoko muntu yose ibyo. Ni byo rwose. Bashyizeho gahunda zo kwiga mu itorero. Bameze neza cyane aho, ariko si mu Ijambo ry'Imana. Oya mugabo. Ntitumenya Imana mu kwiga. Ntitumenya Imana mu - mu - mu kwiga, kwiga imibare no kuvuga amagambo akomeye.

Pawulo, yari umuntu w'umuhanga. Ariko igihe yazaga kuri Krisitu kandi akakira Umwuka Wera, noneho yajyiye mu Bakorento, aravuga ati "Sinigeze na rimwe nza iwanyu n'imbwirwaruhame z'ubwenge bw'umuntu", kandi nyamara, aba yarashoboye kubikora. Yaravuze ati "Naje iwanyu n'imbaraga no kwigaragaza k'Umwuka Wera, kugira ngo kwizera kwanyu kube mu Mana, ntikube mu bwenge bw'umuntu."

Nyamara, mu gushyiraho gahunda z'itorero, basaba ndetse umushumba wabo. . . Iyo itorero ryiteguye gutora umushumba, baravuga bati "Ubwo, noneho, uyu mushumba, afite impamyabushobozi ebyiri za kaminuza. Afite imyaka ine y'iyigamitekerereze (psychologie). Yize ibi, biriya n'ikindi kintu." Kandi bazatora umuntu nk'uwo (kubera iki?), aho gutora umushumba wizera ko Ijambo ry'Imana risigwa kandi ko Ijambo ari Imana, kandi uzabwiriza Ijambo atitaye ku cyo abantu babitekerezaho.

67 Imana yabwiye Ezekiyeli, murazi, Yaravuze iti "Bibwirize, babyizere cyangwa bekubyizera, bibwirize rwose." Murabona? Ni byo. Bamwakire cyangwa bekumwakira, si ibyo bifite agaciro. Ntibemeye Yesu. Ntibyamuhagaritse, Yakomeje kubwiriza rwose. Murabona?

Aho kuba umushumba w'ukuri, uzabwiriza mu by'ukuri Ijambo ry'Imana kandi uzizere Imana, ba - ba - bashaka kwinjiza u - ubwenge, umuntu wize neza, umuntu uzashobora guhagarara inyuma y'uruhimba nta gufata hejuru y'iminota cumi n'itanu, kugira ngo abantu bashobore gutaha mu rugo vuba cyane kandi

bajye. . . gukora ikindi kintu, kandi kugira ngo Ricky ashobore kugenda n'imodoka ye yihuta, kandi ngo na bo bashobore mu migoroba yabo aho babyina imbyino za twist, n'ibindi byose. Kandi ni, yoo, gusa ni - ni, nta kindi kintu bisobanuye uretse kwanduzwa no kwiga, ni uruvangitirane. Ni byo. Ngibyo neza ibyo ari byo. Ni byo. Ariko ni iki gihari? Bihaza inyota bafite, murabona, bihaza inyota y'umuyoboke w'itorero ry'isi.

Ntibyica inyota y'uwera. We, azahitamo Ijambo, buri gihe!

Ariko baravuga bati "Yoo, noneho, aba bantu, ubwo, baravangiwe. Murabona, mu by'ukuri nti - ntibabyumva. Ba - bagerageza kubaho mu gihe giteye imbere."

68 Ntibitangaje? Nje aha, mu Burengerazuba, noneho mbona buri muntu ugerageza kubaho mu gihe giteye imbere, igihe cyose bashaka kubaho mu bihe by'ibyigenge (cow-boys) byo mu gihe cya kera. Kandi ngiye muri Kentucky, aho, ibihe by'abanyamusozi bo gihe cya kera, bashaka kubyigana, bakora ibiganiro kuri ibyo. Ariko ku bijyanye n'Imisengere y'igihe cya kera, Ibi, ntibabishaka.

Igihe cya kera? Naje aha mu gihe hariho imikino yo kwishimisha yitwa rodeo, nahabonye umugore w'umunyembaraga, aho, yisize igisa n'ibara ry'ubururu munsi y'amaso, imisatsi yogoshe, isigara ku munwa. Ariko, iyo baza kubibona muri icyo gihe, baba baratekereje ko yari arimo gushwanyagurika ahantu runaka. Baba baramufungiraniye ahantu runaka. Kandi iyo mama wanyu aza gusohoka, yambaye nk'uko mwe n'umukobwa wanyu mwambara uyu munsi, ni iki kiba cyarabaye? Baba baramufungiye mu bitaro bivura indwara zo mu mutwe. Ni byo, yari yasohotse atambaye ijipo ye. Noneho, mwibuke, aho, ni ikintu kimwe uyu munsi.

Abantu barimo kubora bahagaze. Iyo bageze mu myaka y'ubukure hagati y'imyaka makumyabiri na makumyabiri n'itanu, uturemangingo tw'ubwonko bwabo na two, turabora. Ntibafite. . . Abantu bageze ku rwego, badafite imyumvire myiza cyane, ntibazi icyo imico myiza bisobanura. Ntibazi gutandukanya icyiza n'ikibi. Kandi, yoo, ariko gahunda zabo zo kwiga, ba. . .

69 Mwari muzi ko kwiga, nshobora kubibereka, ari iby'umubi? Simvuga gusoma no kwandika, ahubwo gushyira kwiga kwanyu mu itorero. Kominisime yubakiye ku ki? Ku bumenyi, ku kwiga, ngiyo imana yabo. Satani, murabona, ni cyo yeretse Eva. Kandi na none ni ibi bahagazeho. Noneho ni byo byinjiye mu matorero yacu, ni byo byinjiye mu batisita, abametodisiti, abaperesebiteriyene, abapantekote n'abandi bose. Kwiga, ikintu cy'ubwenge, iki na kiriya kinini, n'ikintu nk'icyo, ari cyo cyigiza kure cyane na none umuntu w'Imana. Ni bibi. Yego mugabo. Rwose, turabona ko ba. . . ko bihaza icyifuzo cyabo. Igihe i - igihe itorero ritora ikintu nk'icyo, dushobora kubona ku bw'ibyo ikiri mu mwuka w'iryo teraniro, icyifuzo cyabo, icyo bafitiye inyota. Icyo bashaka, ni ukuvuga ngo "Umushumba wacu afite ibitekerezo byagutse. We, kugana n'ibitsina byombi, ntibimubuza amahoro, araduherekeza."

70 Umwana w'umukobwa ukiri muto yabwiye Sarah wanjye, undi munsi. Umushumba we yari yajyiye muri Afurika; kandi, umugoroba wo kugaruka kwe, yakuyemo imyenda ye, yashyizemo kola (umwambaro umufashe), noneho amubyinira imbyino yitwa intutsi, kugira ngo amuruhure, kuko yari yajyiye muri Afurika. Tutsis, ni ubwoko bw'aho hakurya, murabizi. Ah, njye, ndashaka kubona umwe mu banjye, abakobwa bato b'iteraniro ryanjye, bagerageza gukora ikintu nk'icyo, intutsi!

Murabona, ibyo byose byerekana neza icyo bisobanuye! Kandi umushumba waguma kwicara areba umuntu wo mu iteraniro rye, umukobwa ukiri muto w'imyaka cumi n'itandatu cyangwa cumi n'umunani yigaragaza, yiyambika ubusa gutyo, kandi akamureka akagenda gutyo, byerekana ko na we ubwe akomoka mu kizenga cy'ibyondo; umuntu w'Imana wakora ikintu nk'icyo. Nta gushidikanya.

Biragaragara, ibi, ariko nzi ko ndimo kandi kubwiriza kuva ku ruhande rumwe rw'igihugu ujya ku rundi. Ariko namwe kandi, murabizi, mwene Data, mushiki wacu; ndabibabwira, ni Ukuri.

71 Sakabaka ishaka kubona ibintu byapfuye. Ni byo. Kandi ibi, byarapfuye! Ni byo rwose. Byerekana mu buryo bugaragara cyane, byerekana mu by'ukuri mu buryo bugaragara cyane, aho, umuyobozi wabo uwo ari we, n'umunara wabo ucunga, icyo abaha, murabona, ikiri mu mutima wabo. Umutima wabo urarikira ibyo bintu.

Umutima wifuza kugira itorero ry'abanyabwenge cyane, aho abantu Bambara neza cyane, n'umushumba agafata iminota cumi n'itanu cyangwa makumyabiri. Kandi iyo babirengeje, bazamunyuza mu nama y'abadiyakoni. Kandi nta kintu na kimwe agomba kuvuga ku bijyanye n'icyaha. Nta kintu agomba kuvuga ku bijyanye no kwambara amakabutura, kandi ntiyakwiha kuvuga ikintu icyo ari cyo cyose ku bantu bakora ibi, biriya cyangwa ikindi kintu. Nta kintu na kimwe mu buryo nta kuka agomba kuvuga kuri ibyo. Niba atari ibyo, ubuyobozi buzamwereka umuryango. Murabona uko bimeze? Ni ako akayunguruzo kabo k'umuntu utekereza.

Bibiliya iravuga, muri I Yohana 2.15 iti "Niba mukunda imikorere y'iyi si, cyangwa ibintu by'iyi si, ni ukubera ko urukunda rw'Imana rutanari muri mwe."

72 Noneho ubu, ni iki twavuga kuri ibyo bintu byose byavuye mu mwanya bakora uyu munsi, mu izina

ry'itorero: itsinda ry'ababyinnyi bane mu itorero, loto, tombora bita bingo, iminsi mikuru mito, ingimbi zibyina imbyino za rock na roll, twist, n'ibyo bintu byose! Murebe, uwo Elvis Presley, idayimoni ku maguru abiri! Ni byo. Baravuga bati "Yoo, ni abantu bakunda gusenga cyane, babyinnye indirimbo za gikirisito." Ntibakagombye, itorero ntiryakagombye ndetse kwemerere ikintu nk'icyo! Muri abo basore, hari abajya hakurya aho, kandi - kandi, uwo mugoroba baba bari mu kabyiniro, aho, babyina kandi baceza umuziki, n'ibindi byose; bukeye bw'aho nimugoroba bakaza ku gicaniro gusuka amarira, noneho umugoroba wa nyuma bagaceza umuziki ku ruhimbi. Yoo, ineza, impuhwe! Ariko, turebe rwose, kugeza he ubwandu bushobora, ubwandu bushora kugenda bukagera he? Yego mugabo. Agerageze mbere na mbere nk'umuntu w'Imana, si ibyo bintu byose, rwose kubera ko azi gucuranga gitari ishaje, cyangwa ikintu runaka.

Ku bw'icyifuzo mufite, mushobora kumenya uri ku ntebe y'umutima wanyu. Ku bw'icyo mukunda, ni cyo kibamenyesha. Mu - muravuga muti "Noneho, njye, ndabona ko ibyo bintu, ari byiza, Mwene Data Branham." Noneho, mwibuke ibi: murabizi, ikiri mu mutima wanyu. Yego mugabo. Ikigaburira umutima wanyu, icyo umutima wanyu ufitiye inyota, ibyo bintu mubona biyica; niba atari iri Jambo, noneho hari ikintu runaka kitagenda, kubera ko Umwuka Wera ubeshwaho gusa n'Ijambo. Murabona?

73 Ndashaka kubereka ikindi kintu giteye ubwoba, rwose mbere yo kurangiza, - niba muda - niba mudacirwaho iteka n'ikintu na kimwe navuze muri ibyo bintu, - kandi ni ibyago gusuzugura inyota. Murabona? Muravuga muti "Mfite inyota yera. Ariko, si - sincirwaho iteka, Mwene Data Branham, no kuba narishimiye kuba umuyoboke w'itorero, n'ibintu nk'ibyo." Ariko, murabona, no gusuzugura inyota! Niba musuzugura kwica inyota y'amazi cyangwa y'ibyokurya, muzapfa. Kandi niba musuzugura iyo nyota y'Imana iri muri mwe, muzapfa mu buryo bw'umwuka.

Murasaba ububyutse, mutegereje ko itorero ryanyu rikora ububyutse. Noneho, ibi, si - si ububyutse bwanyu. Ububyutse bwagombye gutangirira uwo mwanya muri mwe, igihe mutangiye kugira inyota y'Imana. Byashoboka ko nta muyoboke n'umwe w'itorero wifuza ubwo bubyutse. Nibwigaragaza muri mwe, buzigaragaza ahandi. Murabona? Ariko, murabona, musuzugura iyo nyota.

Muzasuzugure gukama inka, igihe inka ya. . . icebe ryabyimbishijwe n'amata; nimurekera inka muri iyo mimerere, mu mwanya muto muzasigarana inka yumye. Ni byo rwose. Nimusuzugura kunywa amazi, muvuga muti "Sinzongera kunywa amazi, ni byo nta bindi", muzapfa. Nimusuzugura kurya, muzapfa.

74 Ni kimwe, nimusuzugura guha Umwuka Wera Ijambo ry'Imana, muzapfa. Mwe abakirisitu, mwe abatisita, abametodisiti, abaperesebiteriyene, abapantekote, Assembees de Dieu (Amatorero y'Imana), aba unitaires, (abizera ubumwe) aba binitaires (abizera ububiri), aba trinitaires (abizera ubutatu), icyo mwaba muri cyo cyose, murabona, nta cyo bimbwiye cyane, nta kintu bivuze na kimwe kuri njye, kandi sintekereza ko hari icyo bivuze ku Mana. Murabona, muri umuntu, mukoze ikintu cyose. Ntimuzigera mujya mu Ijuru ku nyito y'itorero, y'idini. Muzajya mu Ijuru umuntu ku giti cye, ni mwe n'Imana. Ni ibyo. Nta kintu bimbwiye cyane itorero mwaba muri mwo.

Kandi niba musuzugura gusoma Bibiliya no kwizera Bibiliya, no kugaburira Umwuka Wera Ibyo, muzapfa. Yesu yaravuze ati, muri Yohana 4.3, umurongo w'Ibyanditswe mfite rwose. . . Yesu yavuze ko "umuntu atazatungwa n'umutsima gusa, ahubwo n'Ijambo ryose", nta kindi uretse igice cy'Ijambo.

Dufatamo bike aha. Ibi mbyita gusaba rifuti kwa Bibiliya. Baravuga bati "Noneho, nizera Ibi, ariko ubu, tujye kure cyane, aha, murabona." Murabona?

Mugomba kurifata, Ijambo ku Ijambo. Yesu yaravuze ati "Umuntu azatungwa n'Ijambo ryose riva mu kanwa k'Imana." Mwari mubizi?

Kandi, murazi, twagize - twagize umunsi tubamo, twa - twagize uyu munsi. . . ubuyobe bw'imisengere.

75 Umukobwa wanjye yaranzanye, nta gihe kirekire gishize, kandi yarambwiraga ati "Papa," ku rundi ruhande rw'inzu, yaravugaga, ati "ngwino, tujyiye kureba ikiganiro cy'iyobakamana." Byari indirimbo, baririmbaga indirimbo, kandi hari umeze nka Ricky muto wabisubiragamo, ku ruhimbi. Niba narigeze mbona igikorwa cya sakirirego, ibyo, cyari kimwe muri byo! Abo bahungu ku ruhimbi, n'abo bantu, byasaga cyane n'igiterane cy'ibintu bitandukanye. Bagombaga kuba bahagarariye ubwoko bw'abahinde, kandi bakoraga ikintu cyose, kandi - kandi basimbukaga mu kirere kandi bagaterana amakofe hagati yabo.

Ni he, ukuri kwahindutse iki, izo ndirimbo za kera zajyiye he twaririmbaga kera, mu gihe twishimiraga mu Mwuka w'Imana, kandi amarira akadutemba ku matama? Noneho turagerageza kongera gufata umwuka wacu kugeza ubwo tutagifite umwuka uhagije, kugeza ubwo tugize mu maso h'ubururu, kugira ngo tugerageze kugaragaza ko turi umuntu umeze nk'umuririmbyi. Murabona, twiganye imikorere y'i Hollywood, kandi ibyo biganiro byose tureba, bigaragaza izo ndirimbo z'abanyabwenge n'ayo majwi yitoje. Nkunda kumva indirimbo nziza; nkunda kumva indirimbo nziza za pantekote mu buryo bwa kera, zivuye ku ndiba y'umutima. Ariko ndwanya kumva uko guhekenya amenyo, icyo bita kuririmba, uyu munsi. Ni byo.

Ndabona ko nta kintu gihari gisuzuguritse cyane. Ni ubuyobe. Ni byo.

76 Nkunda kubona umugabo nya mugabo. Nanga kubona usohoka yambaye imyenda y'imbere y'umugore we, noneho ikazamuka ku ruhande; hamwe n'imisatsi imumanuka ku gahanga, aha, n'ibifungo bibiri by'imisatsi bitendera, nk'imisatsi itendera ku gahanga, ikase aha imbere. Ibi, sinshobora kubyita umugabo. Ntazi uruhande rw'ubwoko ahererereyemo. Murabona? Ni byo. Murabona, umugore, murebe, umugore agerageza kwiyogoshesha i. . . kwitunganya imisitsi nk'umugabo; umugabo, we, agerageza gutunganya imisatsi n'ibituta nk'umugore. Umugabo yambara imyenda y'imbere y'umugore we; umugore yambara imyenda ye akorana. Murabona, muri make ubuyobe, bakora ibinyuranye.

Kandi ni kimwe ku gihugu, ku bantu, ku matorero, ku bantu bose. O Mana! Iherezo ry'ibi byose riri he? Kuza k'Umwami wacu Yesu Krisitu, ngicyo ikizabishyiraho iherezo.

77 Ni ukuvuga ngo, nimusuzugura kugaburira Umwaka Wera w'Ijambo ry'Imana! Yesu yaravuze ati "Ijambo ryose rizatangwa n'Umwuka Wera." Noneho ubu, mwumve. Nimugerageza kuwugaburira ikintu kidakwiriye, niba Ari Umwuka Wera w'umwimerere uri muri mwe, Uzamenya ikinyuranyo. Noneho, mwibuke, Ijambo ry'Imana, ngicyo icyo Umwuka Wera urya. Nturya amarangamutima. Nturya kwiga. Nturya kujya ku rusengero. Nturya tewolojiya. Hari itandukaniro rikomeye hagati y'ikintu gisize, n'imyumvire ya tewolojiya.

Abo banyatewolojiya bose, bo mu gihe cya Yesu, yoo, ibi byose byari biri ku murongo, ijambo ku rindi, ipaje ku yindi: Yesu yagombaga kuza mu buryo nta kuka mu buryo runaka! Byatangaga neza ibyo. Kandi bose, nta n'umwe uvuyemo, banyuze ku ruhande. Muzi icyo Yesu yavuze, igihe Yazaga, Yaravuze ati "Mufite so Satani, kandi muzakora imirimo ye."

Ntibari barabihishuriwe, bo, Ijambo ry'ukuri, icyo ari cyo. Murabona, babuze ibintu bito, nk'uko abantu babibuze uyu munsi. "Niba muri kuri ibi, kandi mukaba muri kuri ibi, byose bizagenda neza." Ntimuzabyizere. Mugomba kuba aba Krisitu. Kandi, niba hari ikintu muri mwe, gifitiye inzara Krisitu!

78 Mwibuke neza ibi, igihe mwari mu rukiryi rwa so, mwari kumwe na we icyo gihe. Ariko so ntiyari abazi icyo gihe, kandi ntimwari muzi so. Mwagombye kuza, kuvuka. Imana yatanze uburyo, binyuze muri nyoko, wafashije kwakira imbuto, kandi ni aho byageze. Noneho ubwo, mwahindutse umugabo cyangwa umugore, bitewe n'impamvu, noneho ubwo mwamenye so, kandi so yashoboye kuba mu busabane namwe.

Noneho, mwibuke, niba mufite Ubugingo Buhoraho, Ubugingo bwanyu bwari mu Mana ku ntangiriro. Kandi Ubugingo, Imana ni Ijambo. Noneho ubwo, igihe Jambo yambaraga umubiri muri Yesu Krisitu, Imana yamanutse gutura mu mubiri Wayo bwite, yigize Ubwayo Umwana w'Imana. Igihe Imana yamanukaga gutura aho, mwari muri Yo igihe Yabambwaga. Kandi mwababambwanywe na Yo, kandi mwapfanye na Yo i Karuvari. Kandi mwashyizwe mu gituro hamwe na Yo, ku musozi. Kandi mwazukanye na Yo, igitondo cya Pasika. Noneho ubu, mwicaranye ahantu ho mu Ijuru, muri Yo, ubu muri mu busabane hamwe na Yo. Murabona?

Imana Ubwayo yahindutse umwe muri twe. "Nta muntu wigeze abona Data, Umwana w'ikinege wa (Umwana) Data ni We wamumenyekanishije." Ni ukuvuga ko Imana yahindutse umuntu, kugira ngo ishobore gusabana namwe, nk'umuntu. Murabona? Noneho ubu muri - muri umubiri, kandi ni Umubiri. Imana yambaye umubiri muri twe, mu Muntu w'Umwana Wayo, Yesu Krisitu. Kandi muri We hari Imana. Yari Imana, nta kindi uretse Imana. Yari Imana. "Imana yagaragaye mu Mwana, Yesu Krisitu", ari cyo cyamugiraga Imanweli, icyo umuhanuzi yari yaravuze ko Azaba.

79 Noneho, murabona, ni ukuvuga ko, mwagombaga kubaho mbere yuko ndetse isi iremwa, izina ryanyu ryashyizwe mu Gitabo cy'Ubugingo cy'Umwana w'Intama. Noneho ubu, ni iki mushobora kurya? Umwuka Wera ubeshwaho n'Ijambo ry'Imana. Noneho ubu, mu Byahishuwe 22.19, Bibiliya iravuga iti "Umuntu wese uzakuraho Ijambo rimwe gusa kuri Ibi, cyangwa akongeraho ijambo rimwe gusa, umugabane we uzakurwa mu Gitabo cy'Ubugingo." Murabonamo uburebure? Ntimushobora, Umwuka Wera ntuzatungwa n'ibintu by'isi.

Nk'inuma n'icyiyoni. Icyiyoni, ni indyarya ikomeye. Icyiyoni, uwo muvugwa ashobora kuza aha, akarya ingano umunsi wose; kandi akajya aho hakurya, akamanuka aho, ku ntumbi yashaje, na yo akayirya. Gishobora kujya mu murima, kandi gishobora gusangira n'inuma, ingano, kandi nyuma kikajya kurya intumbi.

Ariko inuma, yo, ishobora kurya ingano umunsi wose, ariko ntishobora kurya intumbi, kubera ko ari inuma. Kandi inuma ntigira agasabo k'indurwe. Umutamiro umwe w'intumbi wakwica inuma. Murabona, ntigira agasabo k'indurwe. Kandi ni gutyo, nta busharire ba buke.

Kandi ni uko umukirisitu w'umwimerere ameze, nyakuri. Ntabashaka ibintu by'isi. Barya gusa Ijambo ry'Imana, kandi gusa n'Ibyo: ikintu gisukuye, Akayunguruzo k'umuntu utekereza. Murabona, banyuze muri Ibyo, kandi Ibyo gusa. Ibintu byapfuye by'isi, babona ko bihumura nabi. Murebe icyo cyiyoni cya kera,

mu gihe cya kera cyo kurimbuka kwa mbere y'umwuzure, cyagurukaga kiva ku ntumbi imwe kijya ku yindi, cyaryaga izo ntumbi zashaje, nticyagarutse mu nkuge. Ariko inuma ntiyashoboye kubona ahantu yashyira ibirenge byayo, murabona, yagarutse mu nkuge, aho bayihaga ingano. Kandi ni uko tubigenza, tubeshwaho n'Ijambo ry'Imana.

80 Muri Zaburi 42. Dawidi yagombye kwandika iyo Zaburi, Zaburi 42, mu gihe yari mu buhungiro, igihe yavugaga ati "Umutima wanjye ukugirira inyota, nk'uko imparakazi yahagira ishaka amazi." Murebe, yatereye hejuru. Dawidi yari mu buhungiro. Yari afite. . . amavuta yo gusigwa yari kuri we, yari azi ko yagombaga kuba umwami. Umuhanuzi yari yaramusigiye kuba umwami. Noneho murebe, kandi yari aho, n'abasirikare bake hamwe na we, abantu bo mu mahanga n'ibindi byose, ku gasongero k'umusozi. Mu gihe umurwa we bwite yakundaga, ku bw'icyaha cyabo, Abafilisitiya bari bari impande zabo. Kandi, Dawidi, kuri uwo munsi ushyushye, ni aho yagombye kwandika iyo Zaburi ati "Nk'uko imparakazi yahagira ishaka amazi."

Murebe Dawidi, muri iyo mimerere. Yarebye hasi, yarebye umurwa we yakundaga. Noneho yibutse igihe, yajyanaga intama ze aho, akiri umusore, hafi y'ikizenga runaka. Aho, kari agace kari gafite amazi menshi kandi kari gafite umutsima ku bwinshi. Mu by'ukuri, Betelehemu bisobanura "inzu y'Umutsima w'Imana". Noneho rwose, mu gihe Dawidi yibukaga ko yanyuraga aho kandi akanywa kuri ayo mazi meza afutse, noneho ubwo yari aho hejuru, mu buhungiro, kure y'ubwuko bwe. Ntiyari afite ahantu ho kujya, kandi yagombaga kugira ijwi ritaka mu mutima we ku bw'ayo mazi meza afutse.

81 Yari ari kumwe n'abagaragu bamwe, aho, icyifuzo gisuzuguritse mu byifuzo bye kuri bo cyari itegeko. Noneho, ba. . . batatu muri bo bararwanye kugira ngo babone inzira muri uwo murongo w'Abafilisitiya; urugendo rwa mayilo cumi n'eshanu [km 24 - N.D.T.], mayilo zirindwi [km 11], cyangwa ikintu nk'icyo, kugenda, no kugaruka; biciriye inzira bica umuntu wese mu nzira, noneho bamuzanira ayo mazi. Ariko inyota y'umutima. . .

Umubiri we, Dawidi yari aho hejuru, nta gushidikanya ategetswe kunywa mu byamugwaga byose munsi y'ikiganza, impu zishaje z'isekurume n'ibindi byose, zuzuye amazi ashaje ashyushye, muri uwo munsi ushyushye. Yaribwiye ati "Iyo nza gushobora gusa kwirambika, nkica iyi nyota mfite! Iyo nza gusa kujya aho hakurya, i Betelehemu, nkirambika hafi y'iyo soko, noneho nkanywa amazi!"

82 Kandi igihe bajyaga aho gushaka ayo mazi, kandi bakayamuzanira, umutima we wari ufite inyota ikomeye cyane, atari iya Betelehemu, ahubwo y'icyavaga i Yerusalemu; umutima we wari ufite inyota. Yatambye ayo mazi ho igitambo, yaravuze ati "Sinshaka kuyanywa." Yayasutse hasi. Murabona, umutima we wari ufite cyane inyota y'Imana, kurusha kwihaza yica inyota, n'amazi. . . inyota y'umubiri we, n'amazi meza afutse. Yayasutse hasi.

Murabona, Inzu y'Imana, amazi amara inyota umutima, ay'i Yerusalemu hejuru! Yesu yaravuze, muri Yohana 6.33 ati "Ndi Umutsima w'Ubugingo. Ndi Umutsima w'Ubugingo." Betelehemu, "inzu y'Imana", itorero ryacu, itorero ryo ku isi ry'Imana, itorero riri aha ku isi. Dukunda kujya ku rusengero, aha ku isi, ariko Yerusalemu yo hejuru ni nini cyane, ari yo Mana. Yerusalemu yo hejuru, ari yo Mana! Umutima ufite inyota ikomeye cyane yo kuba aho hamwe na Yo, kurusha kwihaza gusa mu kuba umuyoboke w'itorero ahantu runaka. Murabona, kuba umuyoboke mu itorero ntibyica iyo nyota. Dawidi yarabyerekanye aha, amazi yavaga uwo mwanya mu nzu y'Imana, murabona, yayasutse hasi; kugira ngo yikururire imbabazi nziza z'Imana, kumukuraho amazi meza afutse. Ndetse. . . Irakomeye cyane kurusha inyota iri muri mwe, iyo nyota y'Imana, inyota y'ubugingo.

83 Murebe, Yerusalemu, ijambo. "Yerusalemu iri hejuru", ni ko Bibiliya itubwira, "ituma tuba. . . ni Mama wacu twese." Kandi Krisitu ni Mama wacu. Turabyumva neza, Imana ni Mama wacu, kuko twavutse kuri Yo. Iryo jambo muri make rishatse kuvuga "amahoro", Yerusalemu, Shalom. Cyangwa, Shalom, bishatse kuvuga "amahoro", Jeru-shalem, murabona, bishatse kuvuga "amahoro".

Buri mutima wakagombye kugira inyota ikomeye y'amazi y'Ubugingo, aho kuvuga ko uri umuyoboke w'itorero; inyota y'umutima ntishobora gushira, inyota nyakuri, inyota y'ukuri. Ishobora kuzacurikwa. Mushobora gutekereza ko byose bigenda neza kuri mwe igihe mubaye abayoboke b'itorero, ariko si ibi bikenewe. Ibi ntibizica inyota y'umwimerere nyakuri y'Imana. Ntibizayica muri make. Ibi, gusa. . . Si aho muri make biri.

84 Noneho, Dawidi yaravuze, muri Zaburi 42.7, aha ati "Imyuzure ihamagarisha guhorera kw'insumo zawe", umuhamagaro w'umutima.

Murebe, nakunze kubizana nk'urugero. Niha hari ibaba rifasha ifi koga ku mugongo w'ifi, byanga byakunda ryagombye gushyirwa aho kugira ngo ishobore koga iryifashije. Irarikenera. Nyamara, ni iki cyaba ivuze iti "Njye, ngiye kuba ifi itandukanye. Ngiye kuba ifi ifite ubwenge, yize. Yego, ngiye rwose. . . ngiye kwizera tewolojiya nyakuri! Nizera ko ntakeneye kugira iryo baba!" Ntizajya kure cyane mu mazi, si byo? Ni byo rwose!"

Ni iki cyaba igiti kivuze kiti "Noneho, nzi ko byari ngombwa mbere na mbere ko habaho ubutaka, kugira ngo nshobore kuhamera. Ni byo. Ntegetswe kumera aha. Ariko ngiye kuba igiti gitandukanye, ndashaka ko banshyira rwose aha, hagati mu nzira, kugira ngo bashobore kumbona"? Murabona, nticyabaho igihe kirekire. Murabona? Ni byo.

"Iyo nyiramubande ihamagaye Nyiramubande". Ni ngombwa ikiruta kuba umuyoboke w'itorero. Ni ngombwa ikiruta guha ikiganza umuvugabutumwa. Ni ngombwa ikiruta kubaho ubuzima bw'ubunyangamuhayo. Ni ngombwa ikintu runaka kizabamara inyota imbere, ikintu kivuye ku Mana kandi gikwirakwira mu mutima. "Imyuzure ihamagaranisha guhorere kw'insumo Zawe, o Uwiteka. Imyuzure ihamagaranisha guhorera!"

85 Ni ubuhe bwoko bw'inyota dutekereza dufite muri twe uyu mugoroba? Twe, abapantekote, ni he turi? Ni ubuhe bwoko buri muri twe? Ni ubuhe bwoko bw'inyota buri muri njye? Ni ubuhe bwoko bw'inyota buri muri mwe? Ntimuzashake gucecekesha iyo nyota yera y'Imana.

Hashize imyaka, mu gihe hariho zahabu, aha mu misozi. Nasomye amateka, hashize imyaka myinshi, sinigeze nyibagirwa. Yavugaga ko umushakashatsi wigaga iby'amabuye y'agaciro yajyiye ahantu runaka, ku rundi ruhande rw'imisozi, aha, yashakashakaga kugira ngo abone zahabu, noneho avumbura ikirombe gifite akamaro. Kandi mu gihe yatahaga, yaratekerezaga ati: igihe izagera mu mujyi, icyo yagombaga kuba cyo, byaba iherezo ry'ibibazo bye byose. Kandi - kandi yageragezaga kwibwira ati "Ejo, nzataha, kandi na. . ." Yarasigaranye gusa umunsi umwe w'urugendo, noneho agataha mu murwa, kandi yagombaga kubona iyo zahabu. Yari afite imifuka minini yose yuzuye.

86 Yari afite imbwa imuherekeje. Noneho, singereranya imbwa n'Umwuka Wera, ariko ni ukugirango mbyerekane. Ariko iyo mbwa. . .

Mu gihe cy'ijoro, uwo mushakashatse w'amabuye y'agaciro yararyamye ku buriri bwe, noneho - noneho atangira gutekereza ati "Noneho, ejo nzazana zahabu yanjye yose aho hakurya, kandi nzahinduka icyo nashatse kuba igihe cyose. Igihe cyose nakunze kuba umuntu ukize. Nashakaga kugira ibintu byiza, n'ibindi byose."

Noneho aho, imbwa yatangiye kumoka, noneho. . . kubera ko umwanzi yari arimo yegera aho. Yarasohotse, noneho aravuga ati "Ceceka!" Noneho ubwo imbwa yaracecetse. Akigaruka ku buriri, yarajyiye gusinzira, noneho imbwa yarongeye cyane, yasimbukaga ku munyururu wayo. Yagarutse ku rugi, aravuga ati "Ceceka!" Umenye ko ejo nzaba ndi umukire, urabona", kandi izo zari inzozi ze zikomeye. Ariko imbwa yarongeye itangira kumoka.

87 Nyuma, amaze guta umutwe wese, yajyiye gushaka imbunda ye yo guhiga, noneho akubita imbwa, arayica. Yaravuze ati "Sinzongera kugukenera, mu buryo bwose. Ejo nzaba ndi umukire. Nzaba ndi umukire, ejo."

Yashyize imbunda ye mu Nguni, noneho atera umugongo ku rugi, arasinzira. Kandi umuntu wamukurikiraga kuva mu minsi myinsi, yinjiye imbere aramwica. Ntiyabaye umuntu ukize, murabona, yacececkesheje icyo kimenyetso kiburira cyageragezaga kumusobanurira ko ubuzima bwe bwari mu kaga.

88 Noneho, mwene Data, mushiki wacu, ntimuzigera mushobora ku. . . ntimuzigere mugerageza gucecekesha uwo muhamagaro wera uri mu mutima wanyu, murabona, muba abayoboke b'itorero, musubiramo amahame y'idini, mukuba umuyoboke w'ishyirahamwe runaka.

Hari ikintu kimwe gusa gishobora kubihaza, ni Umuntu wa Yesu Krisitu. "Nk'uko imparakazi yahagira ishaka amazi, ni gutyo umutima wanjye ukugirira inyota, o Mana. Umutima wanjye ugira inyota y'Imana nzima!" Murabona, hari ikintu muri mwe gishaka kubona Imana ikora. Umutima wanyu ufite inyota y'Ibyo. Ntimuzagire ikindi mwishimira uretse Ibyo.

Ntimuzatume umushumba ababwira ko "ibyo mugomba gukora byose, ari ukumuha ikiganza, kuba umuyoboke w'itorero, cyangwa kuba umunyamuryango w'ishyirahamwe runaka." By'umwihariko ntimuzice uko guceceka kwera. Irababurira. Umunsi uzugera, aho muzagera ku musozo w'inzira.

89 Nk'umudamu muto wo mu mujyi aho duturuka. Yaravuze ati. . . Umukobwa muto yajyaga ku rusengero aho hakurya, kandi yari umukobwa muto mu by'ukuri umeze neza cyane. Noneho yagendaga mu nzira. Yari afite imisatsi miremire, murabizi, kandi yari imisatsi ireba inyuma, isokoje neza kandi ikeye, urebye nk'igitunguru gishishuye, kandi mu maso he hasaga. . . ntiyari yisize. Noneho uwo mukobwa, yaramusekaga buri munsi, yaravugaga ati "Iyo uza kuba udafite ubwo bugoryi nk'umubwirizabutumwa wa hariya hakurya," yavugaga njye, yaravugaga ati - yaravugaga ati, "waba uri umwiza. Ari ko urasa nk'umuntu wa kera." Kandi, yoo, yamwerekaga mu by'ukuri amabara yose, buri gihe yahuraga na we, gutyo. Yaravugaga ati "Umushumba wacu, we, afite ibitekerezo byagutse." Yaravugaga ati "Azi icyo bisobanuye. Ibyo bintu, ese ni ukubera iki ukora ibi? Nta kamaro bifite, uburyo bwo kwambara cyangwa gutekereza." Ni ko bimeze! Bibiliya y'Imana ivuga ko ari ko bimeze. Tuzatungwa n'Ijambo ryose!

Noneho, uwo mukobwa ukiri muto ntiyamwitagaho, yakomezaga inzira ye. Ni umumisiyoneri uyu munsi.

90 Noneho, rwose, uwo - uwo mudamu ukiri muto yanduye indwara yandurira mu mibonano mpuzabitsina, kandi yarapfuye. Ni imwe mu nshuti zanjye wamuteye umuti utuma atanuka, ku rupfu rwe. Yarambwiye ati, yaravuze ati. . . Nyuma y'urupfu rwe, yahumuraga uwo mwuka w'uwo muti. Yari afite umwenge mu rubavu rwe, rwashwanyagujwe n'indwara yandurira mu mibonano mpuzabitsina. Ku buryo ndetse bata. . . Ndetse n'ababyeyi be ntibari bazi icyo yararwaye. None yarapfuye. Ariko mbere yo gupfa. . .

Yigishaga mu ishuli ryo ku cyumweru. Kandi itsinda rye ryose ryo ku cyumweru ryaraje, bashakaga kumubona ajya mu Ijuru, ko Abamarayika baza kumutwara. Umushumba we yari hanze, yanywaga itabi, yateraga intambwe ijana muri koridori yo mu bitaro. Kandi bose bagombaga kuririmba igihe yapfaga, murabizi. Bari bazi ko yagombaga gupfa. Abaganga bari bavuze ko arembye, ubwo rero bagombaga bose kubona Abamarayika baza kumutwara.

91 Uwo mwanya, igihe yahuraga n'ukuri. . . Nyamara, yari umuyoboke ukomeye w'itorero, yari umwalimu w'ishuli ryo ku cyumweru, n'umuyoboke ukomeye w'itorero, w'itorero ryiza rinini rya kidini. Ariko igihe yatangiraga kurwana, urupfu rumutera; amaso yasohotse, yaravuze ati "Ndarimbutse!" Yaravugaga ati "Ndarimbutse! Mujye gushaka umushumba!"

Yakandagiye isigara ye, arataha, aravuga ati "Tujyende, tujyende! Tujyende, tujyende! Tujyiye gushaka muganga, aragutera urushinge."

Yaravuze ati "Sinshaka urushinge." Yaravuze ati "wa mubeshyi we! Ndapfuye, kandi ngiye ikuzimu. Kandi ndarimbutse, kubera ko utambwiye Ukuri. Jya gushaka Gooduse, noneho umunzanire byihuse. Afite ukuri."

Mutegereze gake muhure n'ukuri inshuro imwe. Ntimuzagerageze by'umwihariko guhagarika uko guceceka kwera. Ntimuzabihunge murasa kabiri n'imbunda y'inyigisho zigezweho. Mwumve uwo muburo w'Umwuka Wera, uyu mugoroba, ubaburira uti "Ndi Inzira, Ukuri, n'Ubugingo; nta n'umwe uza kwa Data atanyuzeho." Kandi Ni Jambo.

Twubike umutwe akanya gato.

92 Ndashaka na none kuvuga Ijambo ry'Umwami Yesu, mu gihe mubitekerezaho. Yesu yaravuze, muri Matayo 5 ati "Hahirewa abafite inzara n'inyota." Mufite amahirwe ndetse kuba mufite iyo nyota muri mwe. Mwigeze mugera ku rwego aho imikorere yanyu yose yandujwe cyane n'amadini, n'imihango yo kuramya mito, n'amako mato, n'ibindi byose, muva mu itorero mujya mu rindi? Umwanzi yashoboye kubaha ayo mazi yanduye, kandi mukabigira umutsima wanyu, nk'ingurube mu buriro bwayo? Mu gihe mutanazi icyo kwica iyo nyota y'Imana bisobanura mu by'ukuri; kuyibona, Yo, kubona ukuri, mu Mwuka Wera uba muri mwe kandi Wigaragaza. Niba ari ikibazo cyanyu - niba ari ikibazo cyanyu, uyu mugoroba, niba mugifite inyota y'Imana, mundeke mbabwira nti:

Hari Isoko yuzuye Amaraso

Imitsi ya Emanweli,

Umunyabyaha wese ushyizwe muri uwo mugezi

Yozwa icyaha cye cyose.

Igisambo cyari kirembye cyabonye n'ibyishimo

Iyo Soko ku munsi wacyo;

Nanjye usuzuguritse nka cyo,

Nashoboye kuhoza ibyaha byanjye.

Kuva igihe naboneye mu kwizera uwo mugezi

Igikomere Cyawe cyampaye,

Urukundo rwancunguye rwabaye insanganyamatsiko yanjye,

Kandi ruzaguma kuyiba kugeza ku rupfu rwanjye.

93 Niba mufite iyo nyota, uyu mugoroba, yo kumenya byinshi ku Mana, no kuyegera, murashaka gusa kuzamura ikiganza, ubu, mu gihe imitwe yose yunamye, muvuge muti "Munsengere." O Mana, reba ibi biganza!

Ahantu hose mu gihugu, aho ibi birikugera muri uyu mwanya, iburasirazuba, amajyaruguru, iburengaerazuba no mu majyepfo, mwe muri mu masale, muzamure ibiganza byanyu bireba abashumba n'abari aho, mwerekana ko ari icyifuzo cyanyu, ko mwe, hari ikintu muri mwe gifite inyota y'Imana. Iyo nyota yera!

Ntimuyica. Yoo, muravuga muti "Mwene Data Branham, navugije induru, inshuro imwe. Nabyinnye mu Mwuka." Ntimuzishimire ibyo. Oya.

Mutegereze ko uko kumara inyota kuza, icyo Gice kimara inyota mu buryo bwuzuye, umwuzuro w'Umwuka Wera winjira muri mwe, noneho ubwo inzogera z'ibyishimo, zo gusakuza, zo kuvuga mu ndimi no kubyina mu Mwuka, ibyo byose bizaza. Ntimuzagomba gutegereza ko haboneka umuziki kugira ngo mubikore. Muzabikore igihe muzaba muri mu muhanda, mu ivatiri yanyu. Muzabikora igihe muzakubura hasi kuri sima. Muzabikora igihe muzaba mutera imisumari mu rukuta, mukora akazi kanyu ko kubaza. Aho mwaba muri hose, hazaba ibyo Byishimo bitavugwa kandi bihebuje!

Noneho dusenge.

94 Data uhenze wo mu Ijuru! Ubu Butumwa buto bw'uyu mugoroba, burebure, bwafashe igihe, bwatinze, ariko, Mana dukunda cyane, reka Umwuka Wera abusobanurire buri mutima. Muri iri torero ndetse, uyu mugoroba, ibiganza byinshi byazamuwe, ahantu hose, mu makoridori n'ahandi hose. Tu - turabasabira, Mana dukunda cyane. Yoo, reka Uyu Mutsima w'Imana uhaza mu buryo bwuzuye, ni ukuvuga, Krisitu, Ibyiringiro by'Ubwiza, Ibyiringiro by'Ubugingo, muri mwe, Ushobore kuza kuri buri umwe muri bo.

Kure, kuva ku ruhande rumwe rw'igihugu ujya ku rundi, kuva i California, aho hejuru i New York uyu mwanya, aho byenda kuba mu gitondo, barimo barumva aho hakurya; muri - muri New Hampshire, no kumanuka, i Boston, kugera muri Texas, unyuze muri Indiana, no muri California, n'ahandi hose. O Mana, reba ibi biganza; reba ikiri hasi, Mwami, uyu mutima uri aho, ufite inzira n'inyota.

95 Uyu munsi wayobye, aho umubi yahumije amaso y'abantu, kugira atume bishimira kuba abanyamuryango b'itorero, no kuvuga ngo "Ni byo bikwiriye gusa." Kandi nyamara, iyo birebye, babona ukuntu bakora, n'icyifuzo bafite cyo kumera nk'isi.

Mu gihe Bibiliya itubwira ko "niba dukunda ndetse ibintu by'isi, urukundo rw'Imana ntiruri muri mwe".

Nta kindi uretse gutekereza, Data, ko ishobora kuyobya kuri urwo rwego iryo Jambo, iryo Jambo ry'ukuri, ko bashobora kuvuga bati "Yoo, twizera Bibiliya, ariko si Ibi. Ntitwizera Ibi. Twizera ko Ibi, byari iby'ikindi gisekuru. Twizera ko Ibyo, ari ikindi kintu", kubera ko idini ryayobeje umwuka wabo kugira ngo bagume muri icyo kizenga cy'ibyondo.

Mu gihe Yesu yavuze ati "Umuntu wese uzakuraho Ijambo rimwe guse kuri Ibi, cyangwa akongeraho ijambo rimwe gusa, umugabane we uzakurwa mu Gitabo cy'Ubugingo."

Mana dukunda cyane! Gutekereza ku gutungurwa kuzaba aho hakurya mu Rubanza, igihe abantu bazaba barabayeho ubuzima bwiza, busukuye, bwera, bazaba barajyiye mu rusengero, ndetse bitanze uko bashoboye, noneho bakarimbuka.

96 Gutekereza kuri abo bafarisayo, kuva mu myaka yabo y'ubuto, barerewe mu Butumwa, basohotse mu mashuli atandukanye, n'ibindi byose, bareraga (byanga byakunda, niba atari ibyo baba barabateye amabuye), kandi Yesu yaravuze ati "Mufite so Satani."

Israel, yamanutse aho! Kandi ibi bifite umumaro wo kuburira abapantekote, Mwami, kuva ku ruhande rumwe rw'igihugu ujya ku rundi. Mose, wari umuhanuzi. Yajyiye muri Egiputa, kugira ngo asohoze Ijambo ry'Imana, kugira ngo abashyire umucyo w'umugoroba! Kandi babonye ibitangaza bihebuje by'Imana! Ubwo baramukurikiye, bambutse inyanja Itukura, babatijwe umubatizo wayo, binjiye mu butayo kandi bariye ibyokurya by'Abamarayika byamanutse mu Ijuru. Noneho nyuma, banze kwemera Ijambo ryose, igihe bavaga i Kades Barnea. . . i Kades Barnea, nyuma yo kuba mu - mu gihugu cyasezeranijwe, noneho bakavuga bati "Bameze nk'abantu b'ibigango; ntidushobora kuhagera." Mu gihe Imana yavuze iti "Namaze kubaha icyo gihugu!" Abantu bo ku mbibi! Yesu yaravuze ati "Bose, bararimbutse. Barapfuye", bazimiye, nta Mana, nubwo bakoze ibyo bintu byose. Babonye ibyo bitangaza; barishimye, babyinnye mu buryo bwose ku nkombe, hamwe na Mariya, igihe bavuzaga ingoma. Kandi batatu gusa, muri izo miliyoni ebyiri z'abantu, ni bo binjiye.

97 Turabizi neza rwose, Data, ko, iyo intanga, utunyangingo (genes) tw'ikigabo n'ikigore, zihuye, ni imwe gusa, kuri miliyoni, yemerwa. Umumere w'ikigabo ubona intanga ngore iri mu burumbuke, y'ikigore, noneho izindi miliyoni zikarimbuka.

Miliyoni imwe, miliyoni ebyiri zasohotse muri Egeputa; babiri, Yosuwa na Kaleb, ni bo binjiye mu gihugu. Umwe kuri miliyoni. Data, mpinda umushyitsi iyo mbitekerejeho. Gutekereza, mu isi yose uyu munsi, hari miliyoni magana atanu z'abakirisitu, ni ukuvuga ko, Uje uyu mugoroba, haboneka magana

atanu. O Mana, reka twibuke ko buri Jambo ry'Imana riri aho nk'urwibutso. Tugomba kuryizera. Tugomba kuryubaha.

Kandi, igihe Wavugaga uti "Nimwihane, umuntu wese muri mwe abatizwe mu Izina rya Yesu Krisitu ngo mubone kubabarirwa ibyaha byanyu, kandi namwe muzahabwa iyi mpano y'Umwuka Wera, kuko isezerano ari iryanyu n'abana banyu n'abari kure bose, abazahamagarwa n'Umwami Imana yacu.

Idini ryangije umwuka w'aba bantu, kandi ribayobora, binyuze mu ishuli ry'inyigisho ya tewolojiya y'isi, bajya ku kintu, bavuga bati "Yoo, mugomba kwizera gusa." Umubi arizera na we, ariko ntashobora kwakira Umwuka Wera. Yuda Isikariyote yari. . . yakoze ibindi bintu byose intumwa zakoze, yigishije Ubutumwa bwiza; ariko igihe igihe cyageraga kuri we ngo yakire Umwuka Wera, yiyerekanye munsi y'umunsi we nyakuri.

O Mana, reka abantu b'iki gihugu bamenye, uyu mugoroba, ko badafite ubwo bunararibonye, barimbutse. Emera ko uyu mugoroba, imitima yabo imarwa inyota n'Umutsima Wawe, Mwami, mu gihe tubashyize mu biganza Byawe. Ni Abawe, Mwami. Dutegetswe gusa kuzana Ijambo. Ndasaba ko bizera n'umutima wabo bose, kandi ko buzura Umwuka Wera. Tubisabye mu Izina rya Yesu. Amina.

Ndamukunda, ndamukunda

Kubera ko Yabanje kunkunda

Kandi agacungura agakiza kanjye

Ku giti cy'i Karuvari.

98 Yoo, Ni Umutsima wanyu, umara inyota mu buryo bwuzuye? Oh! La la! Muramukunda n'umutima wanyu wose? ["Amina."] Noneho, ayo Magambo rimwe na rimwe aracyeba, ariko turirimbe mu Mwuka noneho, gusa, murabona, buri umwe muri twe, aho. Dufate mu kiganza mwene Data wicaye hafi yacu, mu shiki wacu, noneho tuvuge tuti "Imana iguhe umugisha, mugenzi", mu gihe twongera kuyiririmba.

Ndamukunda, ndamukunda,

Kubera ko Yabanje kunkunda

Kandi agacungura agakiza kanjye

Ku giti cy'i Karuvari.

Noneho twafatanye ikiganza hagati yacu. Noneho dufunge amaso gusa noneho turirimbire mu Mwuka, tuzamure ibiganza kuri We.

Ndamukunda, ndamukunda,

Kubera ko Yabanje kunkunda

Kandi agacungura agakiza kanjye

Ku giti cy'i Karuvari.

Yoo, Ntibihebuje?

Birahebuje, birahebuje, Yesu kuri njye ni,

Umujyanama, Ushobora Byose, Umwami w'Amahoro;

Yoo, Aracungura, Andindira kuri We ubuzira herezo,

Ni Umukiza wanjye uhebuje, Imana yanjye, Umwami wanjye!

Yoo, mwuzuye ibyishimo ku bw'ubunararibonye bwanyu hamwe na Krisitu? Ntibihebuje? Si byo ko Amara inyota?

Nari narazimiye, narakijijwe,

Nta gucirwahwo iteka na kumwe kukiriho,

Muri Yesu ndabohotse, m

Mfite agakiza kuzuye;

Arankiza, Andindira kuri We

Icyaha cyose,

Ni Umukiza wanjye uhebuje, Izina Rye ryubahwe!

Yoo, birahebuje, birahebuje, Yesu kuri njye ni,

Umujyanama, Ushobora Byose, Umwami w'Amahoro;

Yoo, Arankiza, Andindira kuri We ubuzira herezo,

Ni Umukiza wanjye uhebuje,

Imana yanjye, Umwami wanjye!

99 Oh, mushimishijwe n'ummwitozo hamwe na Kristo? Ntabwo ari Umuntu utangaje? Ntabwo ahagije?

Nari narazimiye, none nane ndagarutse

Nta rubanza

Yesu atanga umudendezo

N'agakiza kuzuye

Kunkiza, kundinda

Icyaha cyose cy'isoni

Igitangaza ni Umucunguzi wanjye

Muhimbaze izina Rye!

Oh, utangaje, Utangaje, Yesu ni

Umujyanama, Umwami w'amahoro

Imana ishobora byose, ni We.

Kunkiza, kkundinda,

Icyaha cyose cy'isoni,

Utangaje ni Umucunguzi wanjye, muhimbaze Izina Rye !

100 Mwizera ko ibi, ari Ibyanditswe? Bibiliya iravuga iti “Mukome amashyi. Muterere hejuru n'ijwi ry'ibyishimo ku Uwiteka.” Murabizi, mba narakunze igihe cyose gucuranga umuziki. Umukobwa wanjye, Rebekah, yiga amasomo ya piano. Umuhungu wanjye yiga amasomo yo gucuranga impanda. Ariko njye, nize gucuranga icyuma, gifite imirya icumi.

Birahebuje, birahebuje, Yesu kuri njye ni,

Umujyanama, Ushobora Byose, Umwami w'Amahoro;

Arankiza, Andindira kuri We ubuzira herezo,

Ni Umukiza wanjye uhebuje, Imana yanjye, Umwami wanjye!

Muramukunda?

Yego, tuzagendera mu Mucyo,

Aho impuhwe zirasa ibishashi;

Zicanira impande yacu, amanywa n'ijoro,

Yesu, Umucyo w'isi.

Yego, tuzagendera mu Mucyo, uwo Mucyo mwiza cyane,

Uri aho impuhwe zirasa ibishashi;

Umurika impande yacu, amanywa n'ijoro,

Yesu, Umucyo w'isi.

101 Muhimbaze Imana, n'umubiri wanyu wose.

Igihe abera bazinjira

Igihe abera bazinjira

Mwami, ndashaka kuba muri bo

Igihe abera bazinjira

Yoo, igihe bazamwambika ikamba ry'Umwami wa bami,

Igihe bazamwambika ikamba ry'Umwami wa bami,

Mwami, ndashaka kuba muri bo,

Igihe bazamwambika ikamba ry'Umwami wa bami.

Yoo, igihe izuba rizanga kurasa,

Igihe izuba rizanga kurasa,

Mwami, ndashaka kuba muri bo

Igihe izuba rizanga kurasa.

Murabikunda? Noneho ndibaza niba ibirenge byanyu byarahindutse, ntumukibyina aho hakurya, ku bw'isi? Murabona? Mukubite ikirenge hasi, ku bw'Umwami, ku bw'Umwami. Ibiganza byanyu byarahindutse, ntimukiba? Iminwa yanyu yarahindutse, ntimukibeshya? Ntimukishimire kugira imisengere mu mutwe, mujye muyigira ahantu hose. Ni ibyo. Ni umuntu wuzuye ukenewe. Ni byo. Noneho mukubite ikirenge hasi.

Igihe abera bazinjira

Igihe abera bazinjira

Mwami, ndashaka kuba muri bo

Igihe abera bazinjira

Yoo, igihe bazamwambika ikamba ry'Umwami wa bami,

Igihe bazamwambika ikamba ry'Umwami wa bami,

Mwami, ndashaka kuba muri bo,

Igihe bazamwambika ikamba ry'Umwami wa bami.

Yoo, igihe izuba rizanga kurasa,

Igihe izuba rizanga kurasa,

Mwami, ndashaka kuba muri bo

Igihe izuba rizanga kurasa.

Igihe abera bazinjira,

Igihe abera bazinjira,

Mwami, ndashaka kuba umwe muri bo

Igihe abera bazinjira,

Mwami, ndashaka kuba umwe muri bo

Igihe abera bazinjira.

Noneho, muzamure ibiganza.

Igihe abera bazinjira,

Mwami, ndashaka kuba umwe muri bo

Igihe abera bazinjira,

Igihe bazamwimika umwami wa bose

Igihe bazamwimika umwami wa bose

Mwami, ndashaka kuba umwe muri bo

Igihe bazamwimika umwami wa bose

102 Muramukunda, si byo?

Noneho, yego, tuzagendera mu Mucyo,

(Ni umucyo, murabizi)

Aho impuhwe zirasa ibishashi;

Kandi, zimurika iruhande rwacu, amanywa n'ijoro,

Yesu, Umucyo w'isi.

Mwizera ko Ari Umucyo w'isi? Murabyizera? Pawulo yaravuze ati “Igihe nzaririmba, nzaririmba mu Mwuka. Nindamya, nzaramya mu Mwuka.” Murabona, ibyo mwakora byose, mukore byose mu Mwuka. Ni byo. Kandi Umwuka ubeshaho Ijambo. Si byo? Ni byo. Yego mugabo.

Mwe, abera bose b'Umucyo, mwamamaze

Yesu, Umucyo w'isi;

Ubuntu n'impuhwe mu Izina Rye,

Yesu, Umucyo wa. . .

Noneho, ni iki dukora?

Yego, tuzagendera mu Mucyo,

Aho impuhwe zirasa ibishashi;

Zimurika impande yacu, amanywa n'ijoro,

Yesu, Umucyo w'isi.

103 Mumbabarire kubabangamira gutyo, abanyamuziki, ariko ndishimye, gusa. Sinzi gukora ukundi uretse kuramya, gusa. Ni gutyo dukora. Yego, mugabo. Ndashimira ku bw'uyu mwanya, Mwene Data Mack, kuba naje kwifatanya namwe n'iteraniro ryanyu, aha, uyu mugoroba, abo bantu bose b'intwari.

Namwe mwazamuye ikiganza ku bw'umubatizo w'Umwuka Wera, mfite ikizere ko muzaza kureba pasiteri Mack, aha, cyangwa bamwe mu bari aho, kandi mukava mu cyumba, aha. Kandi mwibuke neza ibi, igihe Imana yavugaga Ijambo, mu ntangiriro, kandi Ikavuga iti “Habeho”, byari ngombwa ko habaho! Kandi Yaravuze iti “Hahirwa abafite inzara n'inyota byo gukiranuka, kuko bazahazwa.” Murabona, ntibishobora gukora ukundi uretse kuba. Mujye kureba umushumba wanyu, aha, kandi mumushyigikire mu gihe abwiriza Ubutumwa bwiza.

104 Noneho twongere turirimbe iyo ndirimbo ya kera nziza, ndabikunda mu by'ukuri. “Yego, tuzagendera mu Mucyo”.

Yesu yaravuze ati “Ndi Umucyo”, kandi muri muri We. Murabona? Ni gute winjira muri We? Mukuba umuyoboke We? Oya. Mu guhinda umushyitsi? Oya. Mu mubatizo w'amazi? Oya. “Twese twabatijwe n'Umwuka umwe, kugira ngo tureme Umubiri umwe gusa, ari wo Mubiri wa Krisitu.” Kandi, muri uwo Mubiri, hari impano ikenda z'umwuka zigaragaza mu mubiri w'akarere, itorero ry'akarere. Ibi, ni iby'intumwa neza, niba hari icyo mbiziho. Ni byo.

Noneho, yego, tuzaguma mu Mucyo,

Aho impuhwe zirasa ibishashi;

Zimurika impande yacu, amanywa n'ijoro,

Urakoze, mwene Data.

Yesu, Umucyo w'isi.

Urakoze, mwene Data.

Yesu, Umucyo w'isi.

Urakoze, mwene Data.

Yesu, Umucyo w'isi.

MESSAGE
online
hub

www.messagehub.info

Ibibwiriza bya

William Marrion Branham

"…mu minsi y'ijwi …" Ibyah. 10:7